


RGB
Rwanda Governance Board

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2024-2025

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2025-2026

Nzeri 2025



# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

## RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2024-2025

## GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2025-2026



www.rgb.rw | info@rgb.rw | @GovernanceRw | Rwanda Governance Board - RGB

RGB Rwanda | P.O. Box 6819 Kigali

© **Rwanda Governance Board**

Kamena 2025

# Ijambo ry'ibanze

Itegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rikanagena inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo riteganya ko RGB igomba gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Ni muri urwo rwego RGB itanze iyi raporo ku nshuro ya cyenda. Iyi raporo ikubiyemo ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 na Gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB yari yateganyije ibikorwa 32, byose byarakozwe birarangira. Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 2.741.326.684 arimo 2,344,493,725 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 396.832.959 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 97,61%, aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku gipimo cya 97,22% naho iy'imishinga ikoreshwa ku gipimo cya 100%.

Ibikorwa by'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026 bizibanda ku bushakashatsi ku miyoborere, igenzura ry'imiyoborere n'imitangire ya serivisi, gukurikirana imikorere y'imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki no kujya inama ku iterambere n'imikorere by'urwego rw'itangazamakuru. RGB izanakomeza kubaka ubufatanye n'imikoranire n'inzego zitandukanye hagamijwe guteza imbere amahame y'imiyoborere no kunoza imitangire ya serivisi mu nzego zose.

Mu izina ry'Ubuyobozi bwa RGB ndashima inzego zose, abafatanyabikorwa n'abakozi b'Urwego ku ruhare bagize mu bikorwa RGB yagezeho mu mwaka wa 2024-2025 byagize uruhare mu guteza imbere imiyoborere n'imitangire ya serivisi bishyira umuturage ku isonga. Ibi bikorwa kandi byashobotse kubera ingengo y'imari RGB igenerwa na Leta binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ndetse n'iy'abafatanyabikorwa. Ibi byongerera RGB imbaraga no kutadohoka mu gukomeza kubaka ubufatanye bugamije kugera ku ntego zayo.

**Dr. Doris Uwicyeza Picard**
**Umukuru w'Urwego**

# Ishakiro


Ijambo ry'ibanze V
Ishakiro VI
Urutonde rw'Amashusho VIII
Urutonde rw'Amakarita VIII
Urutonde rw'Imbonerahamwev VIII
Urutonde rw'amagambo mpine X

## Intangiriro 1

1. Incamake 1
2. Inshingano n'ububasha bya RGB 5

## 1. Ibyakozwe mu mwaka wa 2023– 2024 7

**1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda 8**
1.1.1. Incamake y'ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 11) 8
1.1.2. Incamake ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) 14
1.1.3 Ubushakashatsi ku guzuma uruhare rwa gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo 18
1.1.4. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku miyoborere 18
1.15. Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda 21
1.1.6. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda 29
1.1.7. Kunoza imikoranire n'abafatanyabikorwa mu guhuza amakuru ajyanye n'ubushakashatsi n'imiyoborere 30
1.1.8. Ibikwiriye kwitabwaho byagaragajwe n'ubushakashatsi 31

**1.2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyoborere myiza n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) 32**
1.2.1. Kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego za Leta 32
1.2.1. Kumenyekanisha ibyavuye mu igenzura ry'imiyoborere n'imitangire ya serivisi z'ubutaka. 36
1.2.2. Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera" 36
1.2.4. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no guhuza ibikorwa bya JADF 38
1.2.5. Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa "Umurenge Kagame Cup 2024-2025" 38
1.2.6 Ubukangurambaga ku miyoborere no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza" 40
1.2.7. Ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza 40
1.2.8 Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (Peer Review and Peer Learning) 41
1.2.9 Guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) 43
1.2.10 Gukurikirana amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko 44

**1.3. Imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki 46**

1.3.1. Kwandika imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki 47
1.3.2. Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko mu miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere na fondasiyo 48

1.3.3 Igenzura ryihariye ku miryango ishingiye ku myemerere 50
1.3.4 Uruhare rw'Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta 52
1.3.5 Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 53
1.3.6 Gushyigikira imitwe ya politiki no kuyongerera ubushobozi 53
1.3.7. Kongerera ubushobozi Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda itari iya Leta (Rwanda Civil Society Platform) 54

**1.4. Gukurikirana, kubaka ubushobozi no guhuza ibikorwa by'itangazamakuru 55**
1.4.1. Gukurikirana ivugururwa rya Politiki y'itangazamakuru kugira ngo ijyane n'igihe 55
1.4.2. Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru 56
1.4.3. Inkunga y'amafaranga yahawe amashyirahamwe y'abanyamakuru 56
1.4.4. Guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru babaye indashyikirwa 57
1.4.5. Gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru 58
1.4.6. Gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere ry'itangazamakuru 59
1.4.7. Gutegura Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru 61
1.4.8. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru 61
1.4.9. Amahugurwa ku banyamakuru 62
1.4.10. Ibikwiye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru 64

**1.5. Ibiganiro ku miyoborere 65**
1.5.1. Amatsinda aturutse hanze y'u Rwanda RGB yakiriye 65
1.5.2. Ibiganiro RGB yatanze mu bafatanyabikorwa batandukanye 65

**1.6. Ubuyobozi n'imirimo rusange 66**
1.6.1. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko 66
1.6.2. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire 67
1.6.3. Ubugenzuzi bw'imari ya Leta y'umwaka wa 2023-2024 68
1.6.4. Kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo 68
1.6.5. Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi 69

## Igice cya kabiri: gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025 70

**2. Gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025 71**
2.1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo 71
2.2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza no guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) 71
2.3. Imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki 71
2.4. Gukurikirana, kubaka ubushobozi no guhuza ibikorwa by'itangazamakuru 71
2.5. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'Urwego 72
2.6. Ingengo y'imari ya RGB ya 2025-2026 72

## Igice cya gatatu 73

Imigereka 74

## Urutonde rw'amashusho

Ishusho ya 1: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya RGS ya 12 8
Ishusho ya 2: Incamake y'amanota y'inkingi 9
Ishusho ya 3: Incamake y'amanota y'ibipimo n'udupimo 9
Ishusho ya 4: Inkingi za RGS ya 12 uko zihagaze 10
Ishusho ya 5: Imikoreshereze y'ingengo y'imari 67

## Urutonde rw'amakarita

Ikarita ya 1 : Ikarita igaragaza uko uturere duhagaze muri CRC 2025 15

## Urutonde rw'imbonerahamwe

Imbonerahamwe ya 1: Incamake y'ibyavuye mu Gipimo cy'Imiyorere mu Rwanda (RGS ya 12) 12
Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage 15
Imbonerahamwe ya 3: Uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere 17
Imbonerahamwe 4: Incamake y'imitangire ya serivisi mu nzego zagenzuwe 33
Imbonerahamwe ya 5: Ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi mu bigo 50 34
Imbonerahamwe ya 6:Aho ibiganiro ku mitangire ya serivisi byabereye n'ababihawe 37
Imbonerahamwe ya 7: Amakipe n'abantu bahize abandi mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup" 38
Imbonerahamwe ya 8: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'aho gukorera haboneye 41
Imbonerahamwe ya 9: Inzego zasuzumwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo fatizo ku mitangire ya serivisi 42
Imbonerahamwe ya 10: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'imicungire y'umutungo 42
Imbonerahamwe ya 11: Imiryango yagenzuwe 49
Imbonerahamwe ya 12: Ibyavuye mu igenzura ry'imiryango 48
Imbonerahamwe ya 13: Ibyavuye mu isuzuma ry'ingaruka ku byaha by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba 50
Imbonerahamwe ya 14: ibyemezo byafashwe 51
Imbonerahamwe ya 15: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mpuzamahanga itari iya Leta 52
Imbonerahamwe ya 17: Amahugurwa yahawe abanyamakuru 62
Imbonerahamwe ya 18: Ingengo y'imari yakoreshejwe 66
Imbonerahamwe ya 19: Amahugurwa yahawe abakozi ba RGB 68
Imbonerahamwe ya 20: Ingengo y'imari ya RGB 2025-2026 72

RGB
Rwanda Governance Board

# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

**NZERI 2025**



# Ibisobanuro by'amagambo mpine

| | |
|---|---|
| ARFEM | Association Rwandaise des Femmes des Medias |
| ARJ | Association Rwandaise des Journalistes |
| CRC | Citizen Report Card |
| CSOs | Civil Society Organizations |
| DDAG | Deepening Democracy through strengthening citizens' participation and Accountable Governance |
| DJA | Development Journalism Awards |
| ECD | Early Childhood Development |
| IEP | Institute for Economics and Peace |
| JADF | Joint Action Development Forum |
| LAF | Legal Aid Forum |
| MIFOTRA | Ministry of Public Service and Labour |
| MIGEPROF | Ministry of Gender and Family Promotion |
| MINALOC | Ministry of Local Government |
| MINECOFIN | Ministry of Finance and Economic Planning |
| MINICT | Ministry of ICT and Innovations |
| MoH | Ministry of Health |
| NBAs | Non-Budget Agencies |
| NCDA | National Child Development Agency |
| NFPO | National Consultative Forum of Political Organizations |
| NPSC | National Public Service Commission |
| NST1 | National Strategy for Transformation |
| PR-PL | Peer Review-Peer Learning |
| RBA | Rwanda Broadcasting Agency |
| RCSB | Rwanda Civil Society Barometer |
| RCSP | Rwanda Civil Society Platform |
| RDB | Rwanda Development Board |
| RGB | Rwanda Governance Board |
| RGS | Rwanda Governance Scorecard |
| RJSD | Rwanda Journalists for Sustainable Development |
| RMB | Rwanda Media Barometer |
| RMC | Rwanda Media Commission |
| RRA | Rwanda Revenue Authority |
| RSB | Rwanda Standards Board |
| RSSB | Rwanda Social Security Board |
| RURA | Rwanda Utilities Regulatory Authority |
| UKC | Umurenge Kagame Cup |
| UNDP | United Nations Development Program |
| WMOC | Women Media Owners Company |
| WMP | Women in Media Platform |

# Incamake

Iyi raporo igaragaza ibyagezweho n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2025-2026.

Ibyakozwe bikubiye mu byiciro bitandatu (6) bikurikira: (1) Ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, (2) Kugenzura imitangire ya serivisi, guteza imbere imiyoborere myiza n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, (3) Kwandika, gukurikirana no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta (4) Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru, (5) Ibiganiro bishimangira ubufatanye n'imikorere inoze (6) n'imirimo rusange ishyigikira ibikorwa by'Urwego.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB yari yateganyije ibikorwa 32 byose byarakozwe birarangira.

Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 2.741.326.684 arimo 2.344.493.725 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 396.832.959 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 97,61%, aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku gipimo cya 97,22% naho iy'imishinga ikoreshwa ku gipimo cya 100%.

Mu rwego rw'ubushakashatsi, RGB yakoze Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda cya 12 (Rwanda Governance Scorecard 12th Edition). Muri iki gipimo, inkingi eshanu (5) ku munani (8) ziri kuri 80% kuzamura mu gihe eshatu (3) zisigaye ziri ku gipimo kiri hagati ya 60% na 79,99%. Inkingi y'Umutekano ni yo yaje ku isonga n'amanota 90,02% mu gihe inkingi yo Kuzamura imibereho myiza y'abaturage ari yo yaje inyuma n'amanota 64,69%.

RGB yanakoze ubushakashatsi ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2025). CRC 2025 yagaragaje ko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku gipimo cya 76,7%. Ibyiciro 8 kuri 16 byasuzumwe biri hejuru ya 75% aho umutekano waje ku isonga n'amanota 92,1% naho ubutaka, imiturire n'ibidukikije biza ku mwanya wa nyuma n'amanota 65,7%.

Mu mwaka wa 2024-2025, RGB ku bufatanye n'abashakashatisi ba Kaminuza ya Calgary (Canada) yakomeje ubushakashatsi hasuzumwa ibitekerezo by'abagenerwabikorwa n'abagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo. Kuri ubu hamaze kuboneka imbanzirizamushinga ya raporo y'ubushakashatsi. Abatanze ibitekerezo bose muri ubu bushakashatsi bemeza ko izi gahunda zagize akamaro muri ibi bikurikira: ubutabera bwunga kandi bugizwemo uruhare n'abaturage, guteza imbere ubuyobozi n'imiyoborere, guteza imbere indangagaciro nyarwanda, kwihutisha iterambere, guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, no guteza imbere imibereho myiza.

RGB yasesenguye ibyegeranyo mpuzamahanga birindwi bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro binyuranye. Iri sesengura riba rigamije kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga, gusuzuma ibyatumye u Rwanda rushyirwa ku mwanya runaka ndetse no gutanga inama ku bikwiye kunozwa ahakigaragara intege nke.

Mu mwaka wa 2024-2025, RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego 50 za Leta zirimo ibigo bya Leta 19, ibitaro 16, n'uturere 15. Ibyavuye mu igenzura bigaragaza ko muri rusange imitangire ya serivisi iri ku gipimo cya 77.80% aho mu bigo bya Leta iri ku gipimo cya 77.90%, mu turere ku gipimo cya 76.18% naho mu bitaro ikaba ku gipimo cya 79.20%.

Mu rwego rwo kongerera ubumenyi abakozi b'inzego zitandukanye ku bipimo by'imitangire ya serivisi no kubakangurira kubishyira mu bikorwa, RGB yatanze ibiganiro bigenewe abayobozi, abakozi n'abafatanyabikorwa bo mu Mujyi wa Kigali, akarere ka Gasabo, Ubushinjacyaha bukuru (NPPA) no mu kigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera".

RGB kandi yakoze ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi muri gahunda ya "Nk'Uwikorera" binyuze mu bitangazamakuru ndetse n'imbuga nkoranyambaga zitandukanye.

RGB yakurikiranye ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho byakozwe mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali. Nyuma yo guhuza raporo z'ubugenzuzi byagaragaye ko igenzura ryakorewe mu bigo bitagenerwa ingengo y'imari ya leta n'itegeko bigera ku 2500 birimo ibigo nderabuzima 250, imirenge 250 n'amashuri 2000.

Ibibazo byagaragajwe n'iri genzura bikeneye kwitabwaho by'umwihariko harimo inyubako zidafite ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro (68%), inyubako zidafite kizimyamwoto (46%), kudakoresha inyandiko zisohora amafaranga (Purchase order) 48%, kutagira inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi (Service Charter) 34%, kudakata imisoro (33%) no kudakorera raporo y'imari mu ikoranabuhanga ryabugenewe (software) 24,4%.

Ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere, RGB yateguye inama ziteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF. Ni muri urwo rwego, hakozwe inama nyunguranabitekerezo imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'inama enye mpuzabikorwa z'igihembwe, nk'uko byari biteganyijwe. Izi nama zari zigamije, gukurikirana, guhuriza hamwe ibikorwa, kujya inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere rirambye no guhugura abakozi bashinzwe gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa mu turere.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri ya Siporo, intara n'Umujyi wa Kigali, uturere n'imirenge hateguwe amarushanwa y'imiyoborere myiza azwi nk'Umurenge Kagame Cup. Aya marushanwa, yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore n'abantu ku giti cyabo mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, sit-ball, volleyball, basketball, gusiganwa ku magare, gusiganwa ku maguru, gusimbuka urukiramende no kubuguza. Aya marushanwa yari afite insanganyamatsiko igira iti "twimakaze imiyoborere myiza duharanira ko umuturage aba ku isonga". Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no gukangurira urubyiruko guteza imbere impano zarwo.

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza hakozwe ibiganiro bigamije gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no mu gukemura ibibazo bibangamiye iterambere ryabo ndetse no kubibutsa ko bafite uburengenzira n'uruhare kuri serivisi inoze. RGB yagiranye kandi ibiganiro n'urubyiruko ruhagarariye urundi rwibumbiye muri club z'imiyoborere (Governance Clubs). Nyuma y'ibiganiro, urubyiruko rwiyemeje gukangurira bagenzi barwo kurushaho kugira

uruhare mu miyoborere n'iterambere bibereye u Rwanda.

Mu mwaka wa 2024-2025 RGB yakurikiranye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi. Iki gikorwa cyari kigamije kureba niba amahame ya demokarasi yubahirizwa nk'uko biteganywa n'amategeko. RGB yagaragaje ko amatora ahuriweho ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi yakozwe mu bwisanzure no mu mucyo kandi yubahirije amahame ya demokarasi n'amategeko agenga amatora.

Mu mwaka wa 2024-2025, RGB yanditse imiryango nyarwanda itari iya Leta mishya 50 harimo 37 yahawe ubuzima gatozi na 13 yahawe icyangombwa cy'iyandikwa cy'agateganyo. Handitswe kandi imiryango ishingiye ku myemerere ine harimo itatu yahawe ubuzima gatozi n'umwe wahawe icyangombwa cyo guhuza n'itegeko. Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta mishya 54 yahawe ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda, muri yo 42 yongerewe igihe cyo gukorera mu Rwanda, ibiri yahawe icyemezo cy'ubuzimagatozi naho icumi ihabwa icyemezo cy'iyandikwa. RGB yahaye kandi icyangombwa cy'ubuzimagatozi fondasiyo 35.

Raporo zatanzwe n'imiryango mpuzamahanga itari iya Leta zagaragaje ko iyi miryango yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika 204.888.377 mu mishinga itandukanye.

Mu rwego rwo gushyigikira imikorere y'Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda itari iya Leta, RGB yatanze amafaranga y' u Rwanda 57.518.025 mu rwego rwo kuryongerera imbaraga mu bikorwa byaryo byo kubakira ubushobozi imiryango irigize ndetse no guhuza ibikorwa byayo.

RGB ku bufatanye na UNDP yateye inkunga y'amafaranga y'u Rwanda 242.698.435 amashyirahamwe y'abanyamakuru abiri n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura mu rwego rwo kubafasha kunoza imikorere no guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru. Indi nkunga ingana n'amafaranga y'u Rwanda 43.925.000 yahawe koperative y'abanyamakuru (Media Development Cooperative-MEDECO) mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'abanyamakuru n'iterambere ry'itangazamakuru.

RGB yakoze igenzura ry'uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru. Iri genzura ryibanze ku buryo abanyamakuru bubahiriza ingingo y'itegeko ibasaba kugira ikarita y'umwuga (Press card). Mu bigo 255 byandikiwe, 61 (24%) nibyo byonyine byatanze amakuru yasabwe. Mu banyamakuru 656 bakora muri ibi bigo 61, 146 (22%) nibo bari bafite ikarita y'umwuga igifite agaciro, 219 (33%) bakora bafite amakarita yatakaje agaciro naho 291 (45%) ni abatarigeze batunga amakarita.

RGB kandi yagenzuye uburyo inzego za Leta zubahiriza ingingo y'itegeko izisaba kugena umukozi ushinzwe gutanga amakuru (Information Officer), aho mu nzego 52 zasabwe amakuru, 24 (46%) ari zo zasubije.

Mu bikorwa bijyanye n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hibanzwe ku gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025 no gutegura iby'umwaka wa 2025-2026, imicungire y'ingengo y'imari n'abakozi, kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo, kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose by'Urwego no mu bafatanyabikorwa.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yakoze ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'ingengo y'imari RGB yahawe mu mwaka wa 2023-2024. Ibyavuye muri ubu bugenzuzi byerekana ko RGB yabonye

raporo nta makemwa (unqualified audit opinion). Iyi raporo igaragaza kandi ko RGB yashyize mu bikorwa ku gipimo cy'ijana ku ijana (100%) inama yari yagiriwe mu bugenzuzi bwa 2022-2023.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB yari yateganyije ibikorwa 32 byose byarakozwe birarangira. ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 2.741.326.684 arimo 2,344,493,725 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 396.832.959 yatanzwe n'abafatanyabikorwa. Ingengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 97.61%, aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku gipimo cya 97,22% naho iy'umushinga ikoreshwa ku gipimo cya 100%.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026, RGB yateganyije ibikorwa 21 bizatwara ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda 2.399.705.005, arimo 2.178.856.119 azava mu ngengo y'imari ya Leta na 220.848.886 azava mu bafatanyabikorwa.

# Inshingano n'ububasha bya RGB

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere ni urwego rwashyizweho n'itegeko N°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016, rukaba rufite inshingano zikurikira:

1. Kugenzura mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya leta ;
2. Gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda, kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa no kubimenyekanisha;
3. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gushyiraho uburyo bwabyazwa umusaruro;
4. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo byaba bikorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
5. Kugira Leta inama ku ishyirwamubikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze;
6. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba;
7. Kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu;
8. Gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere;
9. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no kubigaragarizwa;
10. Kwandika, gutanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere no gukurikirana ko imikorere yayo ikurikiza amategeko;
11. Kwandika imiryango Mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo;
12. Kwandika Imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo;
13. Guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo;
14. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere;
15. Gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe;
16. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi izindi nzego za Leta zivugwa muri iri tegeko;
17. Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu iyandikwa ry'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere kandi rufite ububasha bukurikira:

- Gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi;
- Gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere;
- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango mvamahanga itari iya Leta;
- Gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko;
- Kwemeza ko uburyo bukoreshwa mu Rwanda ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo no gukurikirana ubukoresha nabi cyangwa ubukoresha atabifitiye uburenganzira.



1

# Igice cya mbere

## Ibyakozwe mu mwaka wa 2024–2025

# 1.1 Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo


Mu bijyanye n'ubushakashatsi n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda, mu mwaka wa 2024-2025 hari hateganyijwe gukora no kumenyekanisha ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard 12th edition), gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (Citizen Report Card 2025), gukora ubushakashatsi ku musaruro watanzwe na gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi no gutanga uburenganzira bw'ibanze ku bushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo.

## 1.1.1. Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 12)

Igipimo cy'Imiyoborere ni ubushakashatsi bukorwa hagamijwe kugaragaza ishusho y'imiyoborere mu Rwanda no gutanga amakuru afasha mu igenwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki zitandukanye zirebana n'imiyoborere n'iterambere by'Igihugu.


**RGS ya 12 igizwe n'inkingi 8, ibipimo 35 n'udupimo 151 nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza:**

**Ishusho ya 1: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya RGS ya 12**





Aho byavuye: RGS ya 12

## Ishusho ya 2: Incamake y'amanota y'inkingi





Muri RGS ya 12, Inkingi eshanu (5) ku munani (8) ziri ku gipimo cya 80% kuzamura, mu gihe inkingi eshatu (3) zisigaye ziri ku gipimo kiri hagati ya 60% na 79,99%. Inkingi y'Umutekano niyo iza ku isonga n'amanota 90,02% mu gihe inkingi yo Kuzamura imibereho myiza y'abaturage ariyo iza inyuma n'amanota 64,69%.

## Ishusho ya 3: Incamake y'amanota y'ibipimo n'udupimo




Ibipimo 16 muri 35 bigize inkingi za RGS ya 12 biri ku gipimo cya 80% kuzamura, ibipimo 18 biri hagati ya 60% na 79,99% naho igipimo kimwe (1) gisigaye kiri hagati ya 40% na 59,99%. Ku birebana n'udupimo, 69 muri 151 turi ku gipimo cya 80% kuzamura, udupimo 59 turi hagati ya 60% na 79,99%, udupimo 19 turi hagati ya 40% na 59,99%, mu gihe udupimo tune (4) turi munsi ya 40%.

## Ishusho ya 4: Inkingi za RGS ya 12 uko zihagaze




Aho byavuye: RGS ya 12



# Imbonerahamwe ya 1: **Incamake y'ibyavuye mu Gipimo**

## INKINGI 1 — IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO — 81,63%

- IGIPIMO 1 — Imikorere y'ubucamanza — 73,47%
- IGIPIMO 2 — Imikorere y'ubushinjacyaha n'ubugenzacyaha — 83,18%
- IGIPIMO 3 — Kubona ubutabera ku gihe — 79,43%
- IGIPIMO 4 — Imikorere y'Inteko Ishinga Amategeko — 90,44%

## INKINGI 2 — UBURENGANZIRA MU BYA POLITIKI N'UBWISANZURE BW'ABATURAGE — 82,71%

- IGIPIMO 1 — Demokarasi n'ubwisanzure — 86,36%
- IGIPIMO 2 — Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu miyoborere — 78.60%
- IGIPIMO 3 — Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta — 81,77%
- IGIPIMO 4 — Iyubahirizwa ry' uburenganzira bwa muntu n'iry'amasezerano mpuzamahanga — 84,11%

## INKINGI 3 — IMIYOBORERE ABATURAGE BAGIZEMO URUHARE KANDI IDAHEZA — 86,31%

- IGIPIMO 1 — Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa — 90,87%
- IIGIPIMO 2 — Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage — 73,11%
- IGIPIMO 3 — Uruhare rw'imiryango itari iya Leta — 85,13%
- IGIPIMO 4 — Gusaranganya ubutegetsi — 100%
- IGIPIMO 5 — Uburinganire mu nzego z'ubuyobozi — 82.42%

## INKINGI 4 — UMUTEKANO — 90,02%

- IGIPIMO 1 — Kubungabunga umutekano — 90,09%
- IGIPIMO 2 — Umutekano rusange w'Igihugu — 90,12%
- IGIPIMO 3 — Umutekano w'abantu n'ibintu — 86,78%
- IGIPIMO 4 — Ubumwe, ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda — 93,12%

| AMANOTA | AMABARA |
|---|---|
| 80-100% | ICYATSI KIBISI |
| 60-79.9% | UMUHONDO |
| 40-59.9% | UMUHEMBA |
| 0-39.9% | UMUTUKU |

# cy'Imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 12)

## INKINGI 5 – KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE: 64,69%

- IGIPIMO 1 – Uburezi: 65,65%
- IGIPIMO 2 – Ubuzima: 74,14%
- IGIPIMO 3 – Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage: 67,33%
- IGIPIMO 4 – Umuryango uteye imbere kandi utekanye: 60,32%
- IGIPIMO 5 – Guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kubungabunga ibidukikije: 56,00%

## INKINGI 6 – KURWANYA RUSWA, KUBAZWA INSHINGANO NO GUKORERA MU MUCYO: 84,67%

- IGIPIMO 1 – Ibyaha bijyanye na ruswa: 93,50%
- IGIPIMO 2 – Kurwanya ruswa: 72,43%
- IGIPIMO 3 – Gukorera mu mucyo: 92.35%
- IGIPIMO 4 – Kugaragariza abaturage ibibakorerwa: 80,39%

## INKINGI 7 – IREME RY'IMITANGIRE YA SERIVISI: 71,73%

- IGIPIMO 1 – Serivisi z'imiyoborere: 79.25%
- IGIPIMO 2 – Serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage: 70,98%
- IGIPIMO 3 – Serivisi z'ubukungu: 63,58%
- IGIPIMO 4 – Ubugenzuzi ku mitangire ya serivisi: 77,92%
- IGIPIMO 5 – Imitangire ya serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga: 66,90%

## INKINGI 8 – IMIYOBORERE Y'INZEGO N'UBUKUNGU: 74,84%

- IGIPIMO 1 – Ibipimo by'ubukungu: 72,75%
- IGIPIMO 2 – Guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda: 70,67%
- IGIPIMO 3 – Guteza imbere ishoramari: 78,26%
- IGIPIMO 4 – Imicungire y'ibigo by' ubucuruzi: 77,67%



## 1.1.2. Incamake ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC)

Ubushakashatsi bwa CRC bukorwa buri mwaka hagamijwe kugaragaza uko abaturage bishimiye imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa. Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha inzego zegereye abaturage kunoza imitangire ya serivisi no kurushaho kurangwa n'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga. Ubushakashatsi bwakorewe ku baturage 10,676 mu gihugu hose, bunatanga akazi ku bakarani b'ubushakashatsi 96.

CRC 2025 ifite umwihariko wo gutangirana na Gahunda ya kabiri y' Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2) ari nayo ubu bushakashatsi bwubakiyeho.

Iyi CRC kandi iratanga amakuru ku ishusho y'umwaka wa mbere w'ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere.

CRC igizwe n'ibyiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu arizo: Ubukungu, Imibereho myiza n'Imiyoborere. Mu bukungu hasuzumwe ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ikoranabuhanga n'itumanaho, ubutaka, imiturire n'ibidukikije ndetse n'urwego rw'abikorera. Mu mibereho myiza hasuzumwe uburezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ndetse n'imibereho y'umuryango nyarwanda. Mu nkingi y'Imiyoborere hasuzumwe serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

CRC 2025 yagaragaje ko abaturage bishimiye imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ku gipimo cya 76,7%. Ibyiciro 8 kuri 16 byasuzumwe biri hejuru ya 75%, aho umutekano waje ku isonga n'amanota 92,1% naho ubutaka, imiturire n'ibidukikije biza ku mwanya wa nyuma n'amanota 65,7%.



Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage

| Nº | ICYICIRO | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Umutekano | 92,1% |
| 2 | Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 90,1% |
| 3 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 88,2% |
| 4 | Ubutabera | 81,3% |
| 5 | Uburezi | 79,4% |
| 6 | Inzego z'ibanze | 77,1% |
| 7 | Ubworozi | 76,5% |
| 8 | Isuku | 76,1% |
| 9 | Imibereho y'umuryango nyarwanda | 74,7% |
| 10 | Ikoranabuhanga n'itumanaho | 73,4% |
| 11 | Urwego rw'abikorera | 73,3% |
| 12 | Ubuzima | 72,4% |
| 13 | Ubuhinzi | 70,6% |
| 14 | Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye | 69,6% |
| 15 | Ibikorwaremezo | 66,4% |
| 16 | Ubutaka, imiturire n'ibidukikije | 65,7% |
| **IMPUZANDENGO** | | **76,7%** |


Aho byavuye: CRC 2025





# Uko uturere duhagaze muri CRC 2025

**Ikarita ya 1:** Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2025




Muri rusange, mu turere 22 abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'uruhare rwabo mu bibakorerwa ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Gakenke ni ko kaje ku isonga ku gipimo cya 82,1% mu gihe akarere ka Kayonza ari ko kaza inyuma ku gipimo cya 67,3%.

### Imbonerahamwe ya 3: Uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere

| Nº | AKARERE | AMANOTA |
|---|---|---|
| 1 | Gakenke | 82.11% |
| 2 | Burera | 82.05% |
| 3 | Rulindo | 80.89% |
| 4 | Gisagara | 80.70% |
| 5 | Muhanga | 80.63% |
| 6 | Nyanza | 80.30% |
| 7 | Kicukiro | 79.57% |
| 8 | Kamonyi | 79.35% |
| 9 | Nyabihu | 79.28% |
| 10 | Nyaruguru | 78.93% |
| 11 | Gicumbi | 78.33% |
| 12 | Musanze | 77.83% |
| 13 | Nyarugenge | 77.61% |
| 14 | Ngoma | 77.53% |
| 15 | Rubavu | 77.31% |
| 16 | Bugesera | 77.21% |
| 17 | Kirehe | 76.52% |
| 18 | Huye | 76.28% |
| 19 | Ngororero | 76.23% |
| 20 | Ruhango | 75.85% |
| 21 | Nyamasheke | 75.57% |
| 22 | Nyamagabe | 75.33% |
| 23 | Nyagatare | 74.48% |
| 24 | Gasabo | 74.45% |
| 25 | Rusizi | 73.84% |
| 26 | Rutsiro | 72.61% |
| 27 | Rwamagana | 72.07% |
| 28 | Karongi | 71.27% |
| 29 | Gatsibo | 70.40% |
| 30 | Kayonza | 67.26% |
| **Impuzandengo** | | **76.69%** |

Aho byavuye: CRC 2025



## 1.1.3. Ubushakashatsi ku musaruro watanzwe na gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwari rufite ibibazo bikomeye mu nzego zitandukanye zirimo imibereho, imibanire, ubukungu, ubutabera n'ibindi byinshi byari bigoye kubibonera ibisubizo. Hashingiwe ku bushobozi bucye igihugu cyari gifite icyo gihe n'umwihariko w'ibibazo u Rwanda rwanyuzemo, hari hakenewe uburyo bwihariye bwo guhangana n'ibyo bibazo. Ni muri urwo rwego hifashishijwe uburyo nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo bushingiye ku muco n'amateka. N'ubwo izi gahunda zagize akamaro mu mibanire y'Abanyarwanda no mu iterambere ry'igihugu muri rusange, nta bushakashatsi buhagije bwakozwe bubyemeza.

Ni muri urwo rwego RGB ku bufatanye n'abashakashatsi ba Kaminuza ya Calgary (Canada) imaze igihe ikora ubushakashatsi bugamije gusuzuma akamaro ka gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo.
Mu mwaka wa 2024-2025, hasuzumwe ibitekerezo by'abagenerwabikorwa n'abagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo. Ubu hamaze kuboneka raporo y'ibanze y'ibyavuye mu bushakashatsi aho abatanze ibitekerezo bose bemeza ko izi gahunda zagize akamaro muri ibi bikurikira: Ubutabera bwunga kandi bugizwemo uruhare n'abaturage, Guteza imbere ubuyobozi n'imiyoborere, Guteza imbere indangagaciro nyarwanda, Kwihutisha iterambere, Guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, no guteza imbere imibereho myiza.

## 1.1.4. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku miyoborere

Buri mwaka RGB imenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ikora hagamijwe kumurikira inzego zitandukanye ibyabuvuyemo bityo bigakoreshwa mu kunoza za politiki no gufata ingamba zo kurushaho kunoza serivisi zihabwa abaturage. Muri uyu mwaka hamuritswe ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2024) n'ubushakashatsi ku Gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 11 (RGS 11th edition).

### Kumenyekanisha ibyavuye muri CRC 2024

RGB yakoze imenyekanisha rya CRC 2024 mu ntara zose, Umujyi wa Kigali, mu turere 9 no mu nzego zihariye, hagamijwe kuganira ku byavuye muri ubu bushakashatsi no gufata ingamba z'ibyagaragaye bikeneye kunozwa. Ibi biganiro byitabiriwe n'abayobozi b'intara n'ab'Umujyi wa Kigali, ab'inzego z'ibanze kuva ku mudugudu kugeza ku karere, abahagarariye inzego za Leta ku rwego rw'Igihugu, abahagarariye inzego z'umutekano, abagize Inama Njyanama z'uturere n'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ku rwego rw'uturere (JADF). Nyuma yo gutangarizwa ibyavuye muri CRC 2024, abitabiriye inama bafashe ingamba zo gushyira imbaraga ahagiye hagaragara intege nke no gukomeza gusigasira ibyagezweho.




Umukuru wa RGB afungura inama yo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2024 mu Umujyi wa Kigali, Ku wa 29 Ugushyingo, 2024

## Kumenyekanisha Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 11 (RGS 11th edition)

RGB yamuritse ibyavuye mu bushakashatsi ku Gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 11 (RGS 11th Edition). Iki gikorwa cyitabiriwe n'abayobozi mu nzego za Leta zitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, imiryango nyarwanda na mpuzamahanga itari iya Leta, abahagarariye amadini, abashakashatsi n'impuguke mu miyoborere n'iterambere. Abitabiriye iki gikorwa bagaragarijwe uko ibipimo by'imiyoborere mu Rwanda bihagaze banungurana ibitekerezo ku ngamba zikwiye gufatwa kugira ngo ibipimo bikiri hasi bishobore kuzamuka.




Umukuru w'Urwego amurika raporo y'ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by'imiyoborere mu Rwanda, ku wa 21 Ugushyingo, 2024




Abayobozi batandukanye bitabiriye imurika ry'ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by'imiyoborere mu Rwanda, ku wa 21 Ugushyingo, 2024



## 1.1.5. Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024–2025, RGB yasesenguye ibyegeranyo mpuzamahanga birindwi bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro binyuranye. Iri sesengura riba rigamije kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga, gusuzuma ibyatumye u Rwanda rushyirwa ku mwanya runaka ndetse no gutanga inama ku bikwiye kunozwa ahakigaragara intege nke. Ibyegeranyo byasuzumwe ni ibi bikurikira:

- Global Gender Gap Report
- Corruption Perceptions Index
- Africa Visa Openness Index
- Rule of Law Index
- Chandler Good Government Index
- World Press Freedom Index
- Sustainable Development Report (SDR).

## 1.Global Gender Gap report

UMWANYA W'U RWANDA

| UMWAKA | KU RWEGO RW'ISI | MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | AMANOTA |
|---|---|---|---|
| 2024 | 39 /146 | 5 | 0,757/1 |
| 2023 | 12 /146 | 2 | 0,794/1 |
| 2022 | 6 /146 | 1 | 0,811/1 |
| 2021 | 7 /156 | 2 | 0,805/1 |
| 2020 | 9 /153 | 1 | 0,791/1 |
| 2018 | 6 /149 | 1 | 0,804/1 |
| 2017 | 4 /149 | 1 | 0,822/1 |

Aho byavuye: Global Gender Gap Report

Icyegeranyo Global Gender Gap Report gikorwa buri mwaka na World Economic Forum (WEF), kigamije kwerekana uko ibihugu 146 ku isi bihagaze ku birebana n'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore.

Iki cyegeranyo cyashyize u Rwanda ku mwanya wa 39 mu 2024 ruvuye ku mwanya wa 12 mu mwaka wa 2023. Ibi byatewe n'uko iki cyegeranyo kigaragaza ko hakiri icyuho mu bijyanye n'uburinganire mu myanya y'ubuyobozi ndetse no mu mashuri makuru na za kaminuza.

## 2. Corruption perception index

| UMWAKA | KU RWEGO RW'ISI | UMWANYA W'U RWANDA MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | Amanota |
|---|---|---|---|
| 2024 | 43 /180 | 4 | 57% |
| 2023 | 49 /180 | 4 | 53% |
| 2022 | 54 /180 | 4 | 51% |
| 2021 | 52 /180 | 5 | 53% |

Aho byavuye: Corruption Perception Index

Icyegeranyo Corruption Perception Index, gikorwa n'Umuryango Transparency International, kigaragaza uko abaturage babona ikibazo cya ruswa mu nzego za Leta mu bihugu 180 ku Isi.

Mu myaka ine ishize, amanota y'u Rwanda muri CPI (Corruption Perceptions Index) ntiyigeze agaragaza impinduka zifatika. Isesengura ry'iki cyegeranyo rigaragaza ko ibihugu bisuzumwa hakoreshejwe ingengamikorere z'ubushakashatsi (Methodology) zitandukanye ariko ibihugu bigashyirwa ku rutonde hakurikijwe uko birutana mu manota kandi ibyagendeweho muri iri suzuma bitangana.

## 3. Africa Visa Openness index

| UMWAKA | UMWANYA W'U RWANDA | AMANOTA |
|---|---|---|
| 2024 | 1 /54 | 1.000/1 |
| 2023 | 1 /54 | 1,000/1 |
| 2022 | 5 /53 | 0,868/1 |
| 2021 | 6 /53 | 0,868/1 |

Aho byavuye: Africa Visa Openness Index

Icyegeranyo Africa Visa Openness Index, gikorwa na Banki Nyafurika y'Iterambere, kikagaragaza uko ibihugu bya Afurika byorohereza abaturage b'ibindi bihugu bya Afurika kubyinjiramo. Iki cyegeranyo kigaragaza ko u Rwanda rwageze ku ntego yo gukuraho visa ku Banyafurika bose barugenderera.

## 4. Rule of Law index

| UMWAKA | UMWANYA W'U RWANDA | | AMANOTA |
|---|---|---|---|
| | KU RWEGO RW'ISI | MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | |
| 2025 | 40 /142 | 1 | 0.63/1 |
| 2023 | 41 /142 | 1 | 0.63/1 |
| 2022 | 42 /140 | 1 | 0.63/1 |
| 2021 | 42 /140 | 1 | 0,62/1 |

Aho byavuye: Rule of Law Index

Icyegeranyo Rule of Law Index, gikorwa na World Justice Project, gipima iyubahirizwa ry'amategeko mu bihugu 142 ku Isi. Mu bipimo bisuzumwa harimo uko leta ikoresha ububasha bwayo, kurwanya ruswa, gukorera mu mucyo, kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, kubungabunga umutekano n'ituze, kwimakaza ubutabera mbonezamubano n'ubutabera mpanabyaha.

Iki cyegeranyo kigaragaza ko mu Rwanda hari ibipimo biri ku rwego rwo hasi. Urugero ni: Uburyo inzego zitari iza leta zigenzura imikorere ya leta, ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo n'uburenganzira bwo kubaho no kugira umutekano.

# 5 . Chandler Good Government index


| UMWAKA | KU RWEGO RW'ISI | UMWANYA W'U RWANDA MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | AMANOTA |
|---|---|---|---|
| 2025 | 59th /120 | 2nd | 0.507/1 |
| 2024 | 56th /113 | 1st | 0.497/1 |
| 2023 | 53th /104 | 2nd | 0.506/1 |
| 2022 | 55th /104 | 2nd | 0.499/1 |
| 2021 | 53th /104 | 2nd | 0.530/1 |

Chandler Good Governance Index

Icyegeranyo Chandler Good Governance Index gikorwa na Chandler Institute of Governance mu bihugu 120 ku Isi. Iki cyegerenyo cyibanda ku bipimo birimo ubuyobozi bufite icyerekezo, amategeko na politiki bihamye, inzego zihamye, imicungire myiza y'umutungo, korohereza ishoramari, kugira ijambo n'umubano mwiza mu ruhando mpuzamahanga no guteza imbere abaturage.

Iki cyegeranyo cyagaragaje ko bimwe mu bipimo byasuzumwe mu Rwanda bikiri hasi. Ibi birimo: ubushobozi buke mu guhanga udushya, uko abaturage babona amakuru mu nzego za Leta, ubushobozi bwo gukusanya no gukoresha amakuru ndetse no gutanga serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga, ubushobozi bwa leta mu gukoresha neza umwenda mu buryo burambye, ubushobozi mu guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga ndetse n'ubushobozi bwo guhanga imirimo.

## 6. World Press Freedom index




Aho byavuye: Rule of Law Index

Icyegeranyo World Press Freedom Index gikorwa n'ihuriro ry'abanyamakuru batagira umupaka (Reporters Without Borders). Iki cyegeranyo ngaruka mwaka gipima ubwisanzure bw'itangazamakuru mu bihugu 180 ku Isi.

Iki cyegeranyo kigaragaza ko u Rwanda rubangamira kandi rugakandamiza itangazamakuru. Ubusesenguzi bugaragaza ko iki cyegeranyo cyakoresheje amakuru atajyanye n'igihe ku Rwanda.


## 7. Sustainable development report (SDR).

| UMWAKA | UMWANYA W'U RWANDA | AMANOTA |
|---|---|---|
| 2024 | 126 /166 | 60.9% |
| 2023 | 126 /166 | 60.2% |
| 2022 | 124 /163 | 59.4% |
| 2021 | 130 /165 | 57.6% |

Aho byavuye: Rule of Law Index

Icyegeranyo cy'ibipimo by'iterambere rirambye (SDR) gisuzuma intambwe iterwa buri mwaka mu gushyira mu bikorwa intego z'iterambere rirambye kuva zemejwe n'ibihugu 193 bigize Umuryango w'Abibumbye mu mwaka wa 2015.

Iki cyegeranyo cyagaragaje ko mu Rwanda hari ibipimo bigenda bisubira inyuma harimo kwiyongera k'ubushomeri, ubwisanzure bw'itangazamakuru ndetse no kurwanya ruswa. Isesengura kandi ryagaragaje ko hari ibipimo by'iki cyegeranyo bigikoresha amakuru atajyanye n'igihe. Ibyo RGB yabonye muri iki cyegeranyo bikeneye kunozwa yabishyikirije inzego bireba.




### 1.1.6. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda

RGB yakiriye ubusabe icumi bw'abifuza gukora ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo. Nyuma yo gukora isuzuma, ubusabe bwose bwahawe impushya. Abahawe impushya ni aba bakurikira:

1. Transparency Internantional Rwanda: Yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi ngarukamwaka bwa 2024 bw'uko ruswa ihagaze mu nzego za leta ndetse no mu bikorera.

2. Norwegian People's Aid: Yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi ku mpinduka zazanywe na Community Scorecard.

3. Dr. Meghan Sobel Cohen, umwarimu muri kaminuza ya Regis muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika: Yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi bw'uko abanyamakuru babona uruhare rwabo mu Rwanda rwa none "The perception of journalists on their role in the present-day Rwanda"

4. Dr. Kaleb Demerew West Texas A&M University: Yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi ku ruhare rw'imiyoborere n'ikoranabuhanga rigezweho mu iterambere ry'ubukungu, imibereho no kwihangira imirimo mu Rwanda ''Exploring the Impact of Institutional Governance and Emerging Technologies on Social-Economic Development and Entrepreneurship in Rwanda."

5. Institute of Policy Analysis and Research – IPAR Rwanda: Yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi ku ruhare rw'imiryango itegamiye kuri leta mu guhanga imirimo igezweho ku rubyiruko. "Contribution(s) of the Non-Profit Sector to Rwandan Economy with a specific focus on the creation of dignified and fulfilling work for young people in Rwanda"

6. Institute of Research and Dialogue for Peace (IRDP): yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi kuri "Assessment of progress in fiscal, non-fiscal and financial decentralization within the agriculture sector in Rwanda."

7. Never Again Rwanda (NAR): yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi "Leadership in Local Government in Rwanda: The Performance Challenge "

8. Norwegian People's Aid (NPA) yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi "Baseline Survey: The state of Digital media in Rwanda"

9. Mr. Benjamin ISHIMWE Student in Humanitarian in Action at Warsaw University yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi "Impact of Local Solutions on National Resilience Post-Genocide against Tutsi in Rwanda: A Qualitative Analysis of Gacaca and Imihigo"

10. Transparency Internantional Rwanda: Yasabye uruhushya rwo gukora ubushakashatsi ngarukamwaka bwa 2025 bw'uko ruswa ihagaze mu nzego za leta ndetse no mu bikorera.

### 1.1.7. Kunoza imikoranire n'abafatanyabikorwa mu guhuza amakuru ajyanye n'ubushakashatsi n'imiyoborere

Mu rwego rwo kunoza uburyo amakuru yegeranywa kandi agakoreshwa mu gufata ibyemezo, RGB yandikiye inzego za leta zitandukanye izisaba ko ibisabwa bijyanye n'amakuru y'imiyoborere n'ingeri zayo, cyane cyane ibituruka mu mashyirahamwe mpuzamahanga cyangwa abashakashatsi bo hanze, byajya bimenyeshwa RGB.

Ibi bigamije guteza imbere ihuzabikorwa mu gutanga amakuru no gusigasira isura nziza y'igihugu mu byegeranyo mpuzamahanga. RGB yagaragaje ko iyi gahunda izafasha kugabanya isubiramo ry'amasuzuma, kongera ireme ry'isesengura, no gutuma hafatwa ibyemezo bishingira ku makuru yizewe kandi ahuriweho.

## 1.1.8. Ibikwiriye kwitabwaho byagaragajwe n'ubushakashatsi

### Ibyagaragajwe na CRC 2025

CRC 2025 yagaragaje ibikwiriye kwitabwaho by'umwihariko mu byiciro bitanu: Serivisi z'ubuhinzi, iz'ubworozi, iz'ikoranabuhanga n'itumanaho, iz'ubutaka, imiturire n'ibidukikije, iz'uburezi ndetse n'iz'ubuzima.

| Ibikwiriye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| **Serivisi z'Ubuhinzi** | |
| ► Guteza imbere ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ikirere;<br>► Gukomeza gushyira imbaraga mu gukumira no kurwanya indwara z'ibihingwa hibandwa ku bushakashatsi mu buhinzi;<br>► Kongera ishoramari mu buhinzi bugamije ubucuruzi. | MINAGRI, RAB, NAEB, MoE, REMA, MINICOM, RCA, BRD, PSF, BDF, MINALOC, RDB |
| **Serivisi z'ubworozi** | |
| ► Kongerera aborozi ubumenyi bwo kwita ku matungo, gukumira no kurwanya indwara zayo;<br>► Gukangurira abashoramari gushora imari mu bikorwa biteza imbere ubworozi kugira ngo bukorwe mu buryo bw'ubucuruzi. | MINAGRI, RAB, PSF, RCA, MINALOC, MINICOM, RDB |
| **Serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho:** | |
| ► Kongerera ubumenyi abaturage mu bijyanye n'ikoranabuhanga kugirango gahunda ya "Byikorere" ishoboke;<br>► Kongera ubushobozi bwa interineti (internet) na rezo (network) ya telefoni. | MINICT, RURA, RISA, PSF, MINALOC |
| **Serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije** | |
| ► Kwihutisha ishyirwaho ry'ibishushanyo byihariye by'imikoreshereze y'ubutaka (Physical plans) no kubimenyekanisha;<br>► Kunoza igenamigambi n'iyubakwa ry'ibikorwaremezo by'ahagenewe guturwa;<br>► Gushyira imbaraga mu gushaka ibicanwa bitangiza ibidukikije kandi bihendukiye abaturage. | MININFRA, MoE, REMA, NLA, RHA, PSF, MINALOC, MINECOFIN |
| **Serivisi z'ubuzima:** | |
| ► Gushyiraho ingamba zihamye zo gukemura ibibazo bibangamira imitangire ya serivisi z'ubuvuzi;<br>► Kongera no kunoza imicungire y' ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro. | MINISANTE, RBC, RSSB, MINALOC, Imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere |

Ibyagaragajwe na RGS ya 11

# 1.2. Imitangire ya serivisi, imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF)

Muri iki cyiciro hari hateganyijwe kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego 50 za Leta zirimo Ibigo bya Leta, Uturere, n'Ibitaro; kumenyekanisha ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka ryabaye mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024; kugirana ibiganiro n'inzego zitandukanye ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'Uwikorera''.

Hari hateganyijwe kandi gutegura ibikorwa by'amarushanwa y' Umurenge Kagame Cup (UKC); gushyira mu bikorwa gahunda y' "Imiyoborere Twifuza" ikubiyemo ibikorwa by'ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage mu bikorwa bibateza imbere; guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (Pr-Pl); kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, za kaminuza n'amashuri makuru hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere; gutegura inama ziteganywa n'amabwiriza y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF); gukurikirana ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko.

## 1.2.1. Kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego za Leta

Mu mwaka wa 2024-2025, RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego 50 za Leta zirimo ibigo bya Leta cumi n'icyenda (19), ibitaro cumi na bitandatu (16), n'uturere cumi na dutanu (15).
Muri iri genzura, hifashishijwe ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi (Quality Service Delivery Standards (QSDS) bitandatu bikurikira: Gutanga serivisi ku gihe, Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi, Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho, Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana, Kwita ku bakugana ndetse no kugira Ibikoresho n'ibikorwaremezo bifasha mu gutanga serivisi inoze.

Ibyavuye mu igenzura bigaragaza ko imitangire ya serivisi iri ku gipimo cya 77.80% aho mu bigo bya Leta iri ku gipimo cya 77.90%, mu turere ku gipimo cya 76.18% naho mu bitaro ikaba ku gipimo cya 79.20%.

### Imbonerahamwe 4: Incamake y'ibyavuye mu isuzuma ry'imitangire ya serivisi mu nzego zagenzuwe

| IBIPIMO FATIZO BY'IMITANGIRE YA SERIVISI | ISHUSHO Y'IMITANGIRE YA SERIVISI KU NZEGO ZASUZUMWE | | | |
|---|---|---|---|---|
| | IBIGO BYA LETA | UTURERE | IBITARO | IMPUZANDENGO |
| Gutanga serivisi ku gihe | 79.82% | 78.02% | 80.75% | 78.71% |
| Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi | 86.83% | 84.27% | 85.20% | 85.54% |
| Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho | 71.48% | 71.22% | 75.48% | 72.68% |
| Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana | 74.85% | 71.25% | 78.63% | 74.98% |
| Kwita ku bakugana | 82.29% | 82.99% | 82.40% | 82.54% |
| Ibikoresho n'ibikorwaremezo | 77.38% | 79.20% | 78.11% | 78.16% |
| **Igiteranyo** | **77.90%** | **76.18%** | **79.20%** | **77.80%** |

Aho byavuye: Service delivery assessment in public institutions, 2025

### Ibisobanuro by'amabara

| AMANOTA (%) | AMABARA |
|---|---|
| **80-100%** | ICYATSI KIBISI |
| **60-79,9%** | UMUHONDO |
| **40-59,9%** | UMUHEMBA |
| **0-39,9%** | UMUTUKU |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya kane iri hejuru, kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi no kwita ku bakugana biri ku gipimo cyo hejuru ya 80%, mu gihe korohereza abasaba serivisi kuzigeraho biri ku gipimo cyo hasi cya 72,68%.

## Imbonerahamwe ya 5: Ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi mu bigo 50

| Nº | Ibigo byagenzuwe | Gutanga serivisi ku gihe | Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi | Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana | Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi | Ibikoresho n'ibikorwaremezo | Impuzandengo |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | CHUK | 91.93% | 95.39% | 88.60% | 88.09% | 75.83% | 88.17% |
| 2 | Butaro Hospital | 88.93% | 94.65% | 85.31% | 89.46% | 88.61% | 88.13% |
| 3 | NIDA | 92.25% | 88.33% | 81.49% | 87.31% | 80.00% | 85.05% |
| 4 | Kigeme Hospital | 84.11% | 93.61% | 78.48% | 84.76% | 85.56% | 83.94% |
| 5 | Burera | 80.48% | 92.57% | 84.83% | 88.50% | 90.00% | 83.60% |
| 6 | RSSB | 87.24% | 90.32% | 84.08% | 87.13% | 90.00% | 83.36% |
| 7 | Rutongo Hospital | 77.11% | 84.14% | 85.21% | 89.23% | 83.06% | 83.18% |
| 8 | Muhanga | 88.01% | 89.42% | 75.24% | 84.89% | 83.33% | 82.49% |
| 9 | LODA | 88.90% | 91.79% | 84.56% | 81.43% | 71.67% | 82.30% |
| 10 | HEC | 83.49% | 92.63% | 81.02% | 89.48% | 70.00% | 81.82% |
| 11 | RRA | 77.70% | 94.35% | 79.81% | 85.02% | 81.67% | 81.67% |
| 12 | Rwinkwavu Hospital | 83.83% | 80.93% | 79.52% | 77.60% | 75.83% | 80.55% |
| 13 | NLA | 86.23% | 88.99% | 83.08% | 83.00% | 52.22% | 80.09% |
| 14 | CHUB | 84.97% | 92.49% | 73.58% | 78.20% | 81.94% | 79.82% |
| 15 | Rulindo | 82.43% | 85.77% | 88.23% | 89.17% | 71.11% | 79.61% |
| 16 | Kibagabaga Hospital | 82.49% | 93.77% | 73.15% | 83.49% | 90.00% | 79.20% |
| 17 | Rwamagana District | 83.35% | 90.73% | 64.46% | 83.96% | 87.22% | 79.07% |
| 18 | RSB | 71.33% | 93.41% | 75.13% | 82.50% | 88.33% | 78.94% |
| 19 | BDF | 81.60% | 83.70% | 76.70% | 87.85% | 81.67% | 78.88% |
| 20 | Gisenyi Hospital | 77.10% | 91.65% | 77.55% | 84.69% | 66.11% | 78.67% |
| 21 | MMI | 88.95% | 84.40% | 80.31% | 84.38% | 76.94% | 78.48% |
| 22 | FDA | 76.09% | 87.68% | 70.26% | 82.92% | 90.00% | 78.38% |
| 23 | Nyabikenke Hospital | 76.47% | 83.78% | 72.36% | 78.55% | 90.28% | 78.25% |
| 24 | RURA | 78.72% | 89.91% | 70.11% | 80.33% | 73.33% | 77.65% |
| 25 | Ngarama Hospital | 62.63% | 89.71% | 83.34% | 86.17% | 58.61% | 77.50% |
| 26 | Murunda Hospital | 73.65% | 84.98% | 80.72% | 84.11% | 66.11% | 77.36% |
| 27 | EUCL | 78.79% | 93.96% | 71.56% | 80.00% | 83.33% | 77.27% |
| 28 | Kicukiro | 85.65% | 83.91% | 71.10% | 82.82% | 72.50% | 77.19% |
| 29 | RICA | 74.67% | 81.14% | 74.49% | 85.60% | 83.61% | 76.98% |
| 30 | Masaka Hospital | 75.88% | 82.86% | 72.70% | 76.42% | 74.44% | 76.81% |

| Nº | Ibigo byagenzuwe | Gutanga serivisi ku gihe | Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi | Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana | Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi | Ibikoresho n'ibikorwaremezo | Impuzandengo |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 31 | Kayonza | 72.25% | 85.70% | 76.01% | 73.96% | 86.94% | 76.32% |
| 32 | Rutsiro | 77.92% | 73.90% | 81.79% | 87.26% | 80.56% | 76.19% |
| 33 | Rwamagana Hospital | 72.25% | 67.67% | 85.17% | 86.90% | 74.44% | 75.97% |
| 34 | Gasabo | 70.83% | 79.71% | 72.37% | 79.51% | 90.00% | 75.92% |
| 35 | Huye | 70.83% | 79.71% | 72.37% | 79.51% | 90.00% | 75.92% |
| 36 | Rubavu | 63.40% | 88.06% | 75.63% | 81.63% | 80.00% | 75.82% |
| 37 | Mibirizi Hospital | 77.02% | 93.55% | 75.54% | 78.63% | 75.83% | 75.44% |
| 38 | NESA | 81.35% | 91.00% | 69.53% | 84.00% | 49.17% | 74.99% |
| 39 | Nyamagabe | 81.08% | 90.58% | 65.35% | 82.17% | 73.33% | 74.74% |
| 40 | RCA | 83.98% | 69.93% | 60.54% | 81.16% | 83.33% | 74.53% |
| 41 | RAB | 76.51% | 84.01% | 72.73% | 84.11% | 81.67% | 74.05% |
| 42 | Nyaruguru | 87.93% | 89.91% | 47.09% | 80.71% | 63.89% | 73.38% |
| 43 | Rusizi | 82.26% | 84.52% | 59.07% | 89.08% | 75.83% | 73.23% |
| 44 | WASAC | 73.69% | 92.48% | 64.06% | 77.14% | 80.00% | 73.14% |
| 45 | SGF | 69.01% | 80.24% | 74.06% | 72.80% | 81.67% | 73.09% |
| 46 | Nyamata Hospital | 77.87% | 67.30% | 70.76% | 70.50% | 75.56% | 72.98% |
| 47 | Gatsibo | 59.74% | 76.77% | 73.56% | 74.84% | 83.33% | 72.05% |
| 48 | Munini Hospital | 62.51% | 66.78% | 76.15% | 81.67% | 87.50% | 71.30% |
| 49 | CoK | 66.13% | 71.57% | 68.57% | 67.42% | 71.67% | 69.42% |
| 50 | Bugesera | 70.59% | 69.03% | 59.81% | 79.83% | 83.33% | 66.57% |
| Impuzandengo /100 | | 78.71% | 85.54% | 74.98% | 82.54% | 78.16% | 77.80% |

Aho byavuye: Service delivery assessment in public institutions, 2025

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 5, ibitaro bya Kaminuza bya Kigali (CHUK) biza ku mwanya wa mbere ku gipimo cya 88.17% mu gihe akarere ka Bugesera kaza ku mwanya wa nyuma ku gipimo cya 66.57%.

### 1.2.2. Kumenyekanisha ibyavuye mu igenzura ry'imiyoborere n'imitangire ya serivisi z'ubutaka.

Ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka ryabaye mu mwaka wa 2023-2024, byagaragarijwe abayobozi n'abakozi 321 b'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA), Umujyi wa Kigali n'Akarere ka Gasabo.

Nyuma yo kugaragarizwa ibyavuye mu igenzura, abitabiriye ibiganiro biyemeje ko bagiye kunoza imiyoborere n'imitangire ya serivisi z'ubutaka hibandwa kuri ibi bikurikira:

- Kongerera ubushobozi komite z'ubutaka ku rwego rw'imirenge n'utugari;
- Gukora igenzura rihoraho ry'imikorere ya komite z'ubutaka;
- Gusesengura mu buryo bwimbitse ibyagaragajwe muri raporo y'igenzura rya serivisi z'ubutaka, hakanashyirwa mu bikorwa inama zatanzwe;
- Kunoza uburyo bwo kumenyesha abasabye serivisi aho igeze;
- Guhugura abatanga serivisi z'ubutaka ku bipimofatizo by'imitangire ya serivisi inoze.



Bamwe mu bitabiriye igikorwa cyo kugaragaza ibyavuye mu isuzuma ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka mu mujyi wa Kigali.

### 1.2.3. Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'Uwikorera"

RGB yatanze ibiganiro bigenewe abayobozi, abakozi n'abafatanyabikorwa bo mu Mujyi wa Kigali, akarere ka Gasabo, Ubushinjacyaha bukuru (NPPA) no mu kigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera". Ibi biganiro bikaba byaratanzwe mu rwego rwo kubongerera ubumenyi ku bipimofatizo by'imitangire ya serivisi no kubakangurira kubishyira mu bikorwa.

RGB kandi yakoze ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi muri gahunda ya "Nk'Uwikorera" binyuze mu bitangazamakuru ndetse n'imbuga nkoranyambaga zitandukanye.

### Imbonerahamwe ya 6:Aho ibiganiro ku mitangire ya serivisi byabereye n'ababihawe

| Aho ibiganiro byabereye | Ibyiciro n'umubare w'abitabiriye ibiganiro |
|---|---|
| Mu Mujyi wa Kigali | ► Umuyobozi w'Umujyi Wungirije Ushinzwe Ubukungu,<br>► Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Ibikorwa by'Umujyi wa Kigali,<br>► Abayobozi nshingwabikorwa b'uturere twa Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge,<br>► Abayobozi b'amashami mu turere twa Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge<br>► Abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge yose y' Umujyi wa Kigali;<br>► Abashinzwe imicungire y'ubutaka ku rwego rw'uturere;<br>► Ba Noteri b'ubutaka bo mu mirenge y'Umujyi wa Kigali<br>► Abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari twa Mwendo/ Kigali, Rugarama/ Nyamirambo, Nyarufunzo/ Mageragere, Mvuzo/ Bumbogo, Ruhanga/ Rusororo, Kabuye/Jabana, Nunga/ Gahanga, Rubirizi/ Kanombe, na Nyanza/ Gatenga.<br><br>Abitabiriye bose ni 175 |
| Mu karere ka Gasabo | ► Umuyobozi nshingwabikorwa w'akarere;<br>► Umuyobozi ushinzwe imirimo rusange mu karere;<br>► Abayobozi b'amashami,<br>► Abakozi bo ku karere;<br>► Ba Noteri b'ubutaka bo mu mirenge igize akarere;<br>► Abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari.<br><br>Abitabiriye bose ni 135 |
| Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA) | ► Abayobozi bakuru<br>► Abagenzuzi,<br>► Abashinjacyaha ku rwego rw'igihugu,<br>► Abashinjacyaha ku rwego rwisumbuye,<br>► Abayobozi b'amashami na diviziyo<br>► Abashinjacyaha ku rwego rw'intara<br><br>Abitabiriye bose ni 121 |
| Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) | ► Umuyobozi Mukuru;<br>► muyobozi ushinzwe ubutegetsi n'imari;<br>► Ababitsi b'inyandikompamo z'ubutaka ku rwego rw'intara<br>► Impuguke mu igenzura ry'imikoreshereze y'Ubutaka<br>► Abayobozi b'amashami na diviziyo<br><br>Abitabiriye bose ni 11 |



Bamwe mu bitabiriye ibiganiro ku mitangire ya serivisi

## 1.2.4. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no guhuza ibikorwa bya JADF

Ku bijyanye n'imiyoborere hari hateganyijwe amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup agamije guteza imbere imiyoborere myiza. Ibindi bikorwa byari biteganijwe ni ubukangurambaga ku miyoborere no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza"; kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, za Kaminuza n'amashuri makuru; gukurikirana ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (PR&PL); guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) no gukurikirana ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko ishinga Amategeko.

## 1.2.5. Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa "Umurenge Kagame Cup 2024 - 2025"

RGB ifatanyije na Minisiteri ya Siporo, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Umujyi wa Kigali n'Intara, uturere n'imirenge bateguye amarushanwa "Umurenge Kagame Cup" agamije kwimakaza imiyoborere myiza no guteza imbere impano zo mu mikino itandukanye. Amarushanwa yitabiriwe n'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: Umupira w'amaguru, Sit-Ball, Volleyball, Basketball, Gusiganwa ku magare, Gusiganwa ku maguru, Gusimbuka urukiramende no Kubuguza.




Abayobozi bashyikiriza ibihembo abahize abanda

Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no gukangurira urubyiruko guteza imbere impano zabo.

Abahize abandi muri aya marushanwa bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari, n'ibikombe. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza amakipe n'abantu ku giti cyabo batsinze mu mikino itandukanye. Mu mikino y'amakipe, hahembwe kuva ku ya mbere kugeza ku ya kane, naho abantu ku giti cyabo hahembwe kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu. Amafaranga y'ibihembo yose hamwe ni 33.000.000 FRW. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza amakipe n'abantu ku giti cyabo babaye aba mbere n'amafaranga bahembwe.

### Imbonerahamwe ya 7: Amakipe n'abantu bahize abandi mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup"

| Umukino | Umurenge wabaye uwa mbere | Icyiciro | Akarere | Amafaranga bahembwe |
|---|---|---|---|---|
| Football | Jabana | Abagabo | Gasabo | 900.000 |
| | Mahembe | Abagore | Nyamasheka | 900.000 |
| Basketball | Muhoza | Abagabo | Musanze | 900.000 |
| | Gasaka | Abagore | Nyamagabe | 900.000 |
| Volleyball | Rusebeya | Abagabo | Rutsiro | 900.000 |
| | Byumba | Abagore | Gicumbi | 900.000 |
| Sit ball | Musaza | Abagabo | Kirehe | 900.000 |
| | Nyamata | Umugore | Bugesera | 900.000 |

| Umukino | Umukinnyi wabaye uwambere | Icyiciro | Akarere | Amafaranga bahembwe |
|---|---|---|---|---|
| Gusiganwa ku magare | Habamahirwe J. de Dieu | Umugabo | Gicumbi | 300.000 |
| | Mukarugwiza M.Solange | Umugore | Kamonyi | 300.000 |
| Kubuguza | Masengesho J. Claude | Umugabo | Kamonyi | 300.000 |
| | MukundireheE Diane | Umugore | Nyaruguru | 300.000 |
| Gusimbuka Urukiramende | Masengesho Djibril | Umugabo | Gasabo | 300.000 |
| | Uwamariye Solange | Umugore | Gasabo | 300.000 |
| Gusiganwa ku maguru 15km | Ntigurirwa Hamad | Umugabo | Gasabo | 300.000 |
| | Gusiganwa ku maguru 10km | Umugore | Gasabo | 300.000 |
| Gusiganwa ku maguru 3km | Niyibizi Emmanuel | Umugabo | Musanze | 300.000 |
| | Byukusenge Devotha | Umugore | Gasabo | 300.000 |
| Gusiganwa ku maguru 1 km | Musabyeyezu Gerard | Umugabo | Gasabo | 300.000 |
| | Byukusenge Devotha | Umugore | Gasabo | 300.000 |

## 1.2.6. Ubukangurambaga ku miyoborere no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza"

Muri uyu mwaka, hakozwe ibiganiro bitandukanye ku miyoborere myiza byahawe abaturage muri rusange, urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye, amakuru na za kaminuza.

### Ubukangurambaga mu baturage

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza hakozwe ibiganiro bigamije gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no mu gukemura ibibazo bibangamiye iterambere ryabo ndetse no kubibutsa ko bafite uburengenzira n'uruhare kuri serivisi inoze. Ibi biganiro kandi byari bigamije gukangurira abayobozi guha umuturage umwanya ukwiye mu igenamigambi no mu ishyirwa mu bikorwa n'ikurikiranabikorwa rya gahunda zimuteza imbere. Ibi biganiro byanyujijwe mu nteko z'abaturage mu Mirenge ya Save mu Karere ka Gisagara, Mbazi mu Karere ka Huye, Rutunga mu Karere ka Gasabo, Gisenyi mu Karere ka Rubavu na Kinigi mu Karere ka Musanze.

## 1.2.7. Ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza

RGB yagiranye ibiganiro n'urubyiruko ruhagarariye urundi rwibumbiye muri club z'imiyoborere (Governance Clubs) mu mashuri yisumbuye atanu, amashuri makuru na kaminuza 20 mu rwego rwo kubashishikariza kugira uruhare mu kwimakaza imiyoborere myiza, imitangire ya serivisi inoze n'uruhare rwabo mu kwihutisha iterambere. Nyuma y'ibiganiro, urubyiruko rwiyemeje gukangurira bagenzi barwo kurushaho kugira uruhare mu miyoborere n'iterambere bibereye u Rwanda.

### 1.2.8. Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (Peer Review and Peer Learning)

Gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho, igamije kunoza imitangire ya serivisi n'imicungire y'umutungo mu bigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies), birimo imirenge, utugari, ibigo nderabuzima ndetse n'amashuri abanza n'ayisumbuye. Iyi gahunda ikorerwa ku rwego rw'umurenge, ikibanda ku nkingi enye arizo: aho gukorera haboneye, imitangire ya serivisi, imicungire y'imari n'umutungo bya Leta n'imicungire ya gahunda za Leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage.

Ishyirwamubikorwa ry'iyi gahunda rigirwamo uruhare n'inzego zitandukanye. RGB ishinzwe gufasha mu kubaka ubushobozi bw'inzego zirebwa n'iyi gahunda, gukurikirana ibikorwa no gukora isuzumwa ry'iyi gahunda, guhuza raporo zivuye mu ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse no gutanga inama ku bikwiye kunozwa.

Ku bijyanye n'inshingano yo gukurikirana ibikorwa, gukora isuzuma ry'iyi gahunda no guhuza raporo zivuye mu ntara n'Umujyi wa Kigali, RGB yakiriye raporo z'ibikorwa byo kwigenzura no kwigiranaho byateguwe n'intara n'Umujyi wa Kigali. Nyuma yo kwakira izi raporo, RGB yarazisesenguye inatanga inama z'ibikeneye kunozwa.

## Incamake y'ibyavuye mu igenzura mu ntara zose n'umujyi wa Kigali

Mu Ntara zose no mu Mujyi wa Kigali ubugenzuzi bwakorewe mu bigo (NBAs) 2500 birimo ibigo nderabuzima 250, imirenge 250 n'amashuri 2000. Ibyavuye mu igenzura bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira.

**Imbonerahamwe ya 8: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'aho gukorera haboneye**

| Ibyagenzuwe | Aho biri | Ijanisha | Aho bitari | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| Imbago | 2100 | 84% | 400 | 16% |
| Uruzitiro | 2055 | 82.2% | 445 | 17.80% |
| Inzira z'abafite ubumuga | 1820 | 72.8% | 680 | 27.20% |
| Ibimenyetso ndangahantu | 2300 | 92% | 200 | 8.00% |
| Ibiro by'abakozi biboneye | 1880 | 75.2% | 620 | 24.80% |
| Inyubako zishaje | 1000 | 40% | 1500 | 60% |
| Kizimyamoto | 1350 | 54% | 1150 | 46% |
| Ubwishingizi bw'inyubako (Inkongi y'umuriro) | 800 | 32% | 1700 | 68% |
| Imirindankuba | 1300 | 52% | 1200 | 48% |

Aho byavuye: Raporo z'Intara n'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2024-2025

### Imbonerahamwe ya 9: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'imitangire ya serivisi

| Ibyagenzuwe | Aho biri | Ijanisha | Aho bitari | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| Aho kwakirira ababagana haboneye | 1,930 | 77.2% | 570 | 22.8% |
| Inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 1650 | 66.% | 850 | 34.% |
| Gutanga amakuru kuri serivisi zasabwe (feedback) | 1795 | 71.8% | 705 | 28.2% |
| Ishyinguranyandiko | 2100 | 84.% | 400 | 16.% |
| Imihigo y'ibigo | 1790 | 71.6% | 710 | 28.4% |
| Kubahiriza igihe cyo gutanga serivisi | 1700 | 68.% | 800 | 32.% |

Aho byavuye: Raporo z'Intara n'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2024-2025

### Imbonerahamwe ya 10: Ibyagaragajwe n'igenzura ku birebana n'imicungire y'umutungo

| Ibyagenzuwe | Aho biri | Ijanisha | Aho bitari | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| Gahunda y'ibikorwa | 2100 | 84% | 400 | 16% |
| Gukorera raporo y'imari muri software yabugenewe | 1890 | 75.6% | 610 | 24.4% |
| Kuzuza ibitabo bya stock | 2150 | 86% | 350 | 14% |
| Gukoresha inyandiko zisohora amafaranga (Purchase order) | 1300 | 52% | 1200 | 48% |
| Gukoresha inyandiko zisaba ibiko-resho (Requisition form) | 2050 | 82% | 450 | 18% |
| Gutegura gahunda y'amasoko | 2110 | 84.4% | 390 | 15.6% |
| Kubahiriza gahunda y'amasoko | 2000 | 80% | 500 | 20% |
| Akanama gatanga amasoko | 2150 | 86% | 350 | 14% |
| Gukata imisoro ya RRA | 1675 | 67% | 825 | 33% |

Aho byavuye: Raporo z'Intara n'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2024-2025

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura bikeneye kwitabwaho by'umwihariko harimo inyubako zidafite ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro (68%), inyubako zidafite kizimyamwoto (46%), kudakoresha inyandiko zisohora amafaranga -Purchase order (48%), kutagira inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi -Service Charter (34%), kudakata imisoro (33%) no kudakorera raporo y'imari muri software yabugenewe (24,4%).

## 1.2.9. Guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF)

Ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere, RGB yateguye inama ziteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF. Ni muri urwo rwego, hakozwe inama nyunguranabitekerezo imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'inama enye mpuzabikorwa z'igihembwe, nk'uko byari biteganyijwe. Izi nama zari zigamije, gukurikirana, guhuriza hamwe ibikorwa, kujya inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere rirambye no guhugura abakozi bashinzwe gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa mu turere.



Abitabiriye inama nyunguranabitekerezo y'abafatanyabikorwa mu Ntara y'Amajyaruguru



Abitabiriye inama nyunguranabitekerezo y'abafatanyabikorwa mu Ntara y'Iburengerazuba

Muri izi nama nyunguranabitekerezo, haganiriwe ku ruhare rw'abafatanyabikorwa mu guteza imbere Igihugu muri rusange no mu gushyigikira iterambere ry'Uturere bakoreramo by'umwihariko. Hanagaragajwe kandi ahagomba kongerwamo imbaraga harimo gushyigikira gahunda z'iterambere ry'uturere (DDS), kongera imishinga itanga akazi cyane cyane ku rubyiruko no kurwanya amakimbirane mu miryango.

Muri izi nama kandi, haganiriwe ku mikorere y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere. Abanyamuryango b'Ihuriro biyemeje kunoza igenamigambi rihuriweho, kurishyira mu bikorwa no kurigenzura, hagamijwe impinduka nziza mu mibereho y'abaturage.

Mu rwego rwo kongerera ubumenyi abagize JADF, abayobozi b'amashami y'imiyoborere myiza mu Ntara/ Umujyi wa Kigali n'abakozi bashinzwe gukurikirana ibikorwa bya JADF bahuguwe ku bijyanye n'uburyo bwo gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa, gusuzuma impinduka bigira ku mibereho y'abaturage; n'uko bazifashisha urubuga Irembo mu gukorana n'imiryango ishingiye ku myemerere.

Habaye kandi inama zitandukanye zahuje abagize komite ya JADF n'Inama Njyanama mu turere twa Kirehe, Rusizi, Nyabihu, Rulindo, Gicumbi, Kamonyi, Ruhango na Karongi. Muri izi nama, RGB yatanze ibiganiro ku mikorere, imikoranire, uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere ndetse no kunoza imitangire ya serivisi.

RGB kandi yasesenguye raporo z'abafatanyabikorwa mu iterambere zaturutse mu turere twose inatanga inama kuri izo raporo mu nama z'igihembwe zihuza RGB n'abakozi bashinzwe ibikorwa bya JADF mu turere.

### 1.2.10. Gukurikirana amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko

RGB ifite inshingano yo kwimakaza amahame y' imiyoborere myiza na demokarasi. Ni muri urwo rwego mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 RGB yakurikiranye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi. Iki gikorwa cyari kigamije kureba niba amahame ya demokarasi yubahirizwa nk'uko biteganywa n'amategeko. Muri iki gikorwa, RGB yakurikiranye ibikorwa byo kwiyamamaza kw'abakandida. Ni muri urwo rwego RGB yohereje indorerezi mu Turere twose kugira ngo zikurikirane ibikorwa by'amatora.

RGB yagaragaje ko amatora ahuriweho ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi yakozwe mu bwisanzure no mu mucyo kandi yubahirije amahame ya demokarasi n'amategeko agenga amatora.

## 1.2.11. Iby'ingenzi bikwiye kwitabwaho ku mitangire ya serivisi, imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF)

| Ibikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Kunoza imikorere n'imikoranire hagamijwe kuzamura ireme ry' imitangire ya serivisi; | MINALOC, MINISANTE, Uturere, Komite za JADF mu turere, Ibitaro n'izindi nzego zagenzuwe |
| Mu rwego rwo koroshya imitangira ya serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga, imbogamizi zijyanye n'ubumenyi buke mu ikoranabuhanga, ibikoresho ndetse na interineti idahagije kandi itizewe zigomba gukurwaho; | MINICT, RISA, MINALOC, Uturere, Ibitaro n'izindi nzego zagenzuwe |
| Ibigo bya Leta, uturere n'ibitaro bigomba kugira imbonerahamwe igaragaza serivisi (Service charter) bitanga kandi zikamenyeshwa abasaba serivisi | MINALOC, MINISANTE, uturere, Ibitaro n'izindi nzego zagenzuwe |
| Gukora ibishoboka hakaboneka abaganga n'abandi bakozi bo mu bitaro bahagije cyane cyane ku bitaro biri mu bice by'icyaro. Ibi kandi bigomba kujyana no kugira ibikoresho n'imiti bihagije. | MINICOFIN, MINISANTE, uturere, Ibitaro |
| Gushaka uburyo bwo gukemura ikibazo cy'ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro bw'inyubako z'ibigo bishamikiye ku turere (Non Budget Agencies) | MINALOC, MINECOFIN, RHA, uturere |
| Gukurikirana mu buryo buhoraho ibijyanye n'icungamari n'umutungo mu bigo bishamikiye ku turere | MINALOC, MINECOFIN, uturere n'ibigo bidushamikiyeho |

# 1.3. Imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki








Muri iki cyiciro, mu mwaka wa 2024-2025 hari hateganyijwe kwandika imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki yujuje ibisabwa n'amategeko; kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko ku miryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki. Hari hanateganyijwe ibiganiro n'iyo miryango ku bijyanye n'imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko; kongerera ubushobozi ihuriro ry'imiryango nyarwanda itari iya Leta, n'imitwe ya politiki kugira ngo irusheho kwiyubaka no kubahiriza inshingano zayo.

## 1.3.1. Kwandika imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki

Mu mwaka wa 2024-2025, RGB yakiriye inasesengura ubusabe bw'imiryango bujyanye no kwiyandikisha cyangwa guhuza n'amategeko nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe

**Imiryango nyarwanda itari iya Leta**

| ICYANGOMBWA CYASABWE | UMUBARE W'IMIRYANGO YASABYE ICYANGOMBWA | UMUBARE W'IMIRYANGO YAHAWE ICYANGOMBWA | UMUBARE W'IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA BY'AGATEGANYO | 36 | 13 | 23 |
| ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI | 211 | 37 | 174 |

**Icyitonderwa:** Itegeko no 058/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga imiryango itari iya Leta ryasohotse mu igazeti ya Leta ku wa 19/07/2024 ryakuyeho icyangombwa cy'iyandikwa by'agateganyo, bityo imiryango 23 itarujuje ibisabwa yagiriwe inama yo gusaba ubuzimagatozi.

**Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta**

| ICYEMEZO CYASABWE | UMUBARE W'IMIRYANGO YASABYE ICYEMEZO | UMUBARE W'IMIRYANGO YAHAWE ICYEMEZO | UMUBARE W'IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA | 18 | 10 | 8 |
| ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI | 2 | 2 | 0 |
| KONGERERA IGIHE ICYEMEZO CY'IYANDIKWA | 59 | 42 | 17 |

**Imiryango ishingiye ku myemerere**

| ICYANGOMBWA CYASABWE | IMIRYANGO YASABYE ICYANGOMBWA | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| UBUZIMAGATOZI | 49 | 3 | 46 |
| ICYANGOMBWA CYO GUHUZA N'ITEGEKO | 23 | 1 | 22 |

**Fondasiyo**

| ICYANGOMBWA CYASABWE | IMIRYANGO YASABYE ICYANGOMBWA | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO ITARUZUZA IBISABWA |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'UBUZIMAGATOZI | 71 | 35 | 36 |

### 1.3.2. Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko mu miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere na fondasiyo

RGB yakoze ubugenzuzi ku miryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere na fondasiyo ku bipimo bikurikira: (i) Imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko, (ii) gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano, (iii) ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imiryango, (iv) icungamutungo n'imicungire y'abakozi, (v) ubufatanye n'izindi nzego.

Hakozwe kandi ibarura no gusuzuma ingaruka ku byaha by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba muri iyi miryango.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza umubare w'imiryango yagenzuwe.

## Imbonerahamwe ya 11: Imiryango yagenzuwe

| ICYICIRO CY'UMURYANGO | UMUBARE |
|---|---|
| IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA | 1.487 |
| IMIRYANGO MPUZAMAHANGA ITARI IYA LETA | 226 |
| IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE | 577 |
| FONDASIYO | 76 |
| IGITERANYO | 2,366 |

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza incamake y'ibyavuye muri iri genzura

## Imbonerahamwe ya 12: Ibyavuye mu igenzura ry'imiryango

| Nº | ICYAGENZUWE | AMANOTA KURI BURI CYICIRO CY'UMURYANGO | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | IMIYOBORERE N'IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO | GUKORERA MU MUCYO NO KUBAZWA INSHINGANO | ICUNGAMUTUNGO N'IMICUNGIRE Y'ABAKOZI | UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO |
| 1 | Imiryango nyarwanda itari iya leta | 66,7% | 68,6% | 57,4% | 58,6% |
| 2 | Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta | 92,0% | 84,9% | 80,7% | 69,9% |
| 3 | Imiryango ishingiye ku myemerere | 71,9% | 68,4% | 55,3% | 74,8% |
| 4 | Fondasiyo | 53,2% | 65,9% | 50,1% | 73,1% |

Aho byavuye: RGB CSO's mapping Reports 2025

Igenzura ryagaragaje ko imiryango mpuzamahanga itari iya Leta yakoze neza kuko ibipimo bitatu kuri bine byasuzumwe byagize amanota ari hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, imiryango ishingiye ku myemerere n'imiryango nyarwanda itari iya Leta ndetse na fondasiyo nibyo byagize amanota ari munsi ya 75% ku bipimo byose byagenzuwe. By'umwihariko, igipimo cy'imicungire y'abakozi nicyo cyagize amanota ari munsi ya 60% mu miryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere na fondasiyo.

Ibarura ryagaragaje ko imiryango yanditse yose ari 2366 kugera mu Kuboza 2024. Muri yo imiryango nyarwanda itari iya Leta niyo yiganje ku kigero cya 62.8%, imiryango ishingiye ku myemerere ni 24.4%, imiryango mpuzamahanga itari iya leta ni 9.6% naho Fondasiyo ni 3.2%. Ibikorwa by'iyi miryango byiganje mu burezi (52.9%), imibereho myiza (41.7%), ubuzima (38.6%) no guteza imbere urubyiruko (34.4%). Kubijyanye no kubahiriza amategeko, imiryango igera kuri 93.2% ifite icyicaro kizwi naho 67.9% niyo ifite ngamba zijyanye no guteza imbere amahame yo kudaheza.

**Imbonerahamwe ya 13: Ibyavuye mu isuzuma ry'ingaruka ku byaha by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba**

| AMANOTA YA BURI CYICIRO CY'UMURYANGO | IBIPIMO | | |
|---|---|---|---|
| | IKIGERO CY'IBYAGO BYO GUKORA IBI BYAHA | IBIMENYETSO BYO GUTERA INKUNGA ITERABWOBA | IREME RY'INGAMBA ZO GUHANGANA NA BIRIYA BYAHA |
| Imiryango nyarwanda itari iya Leta | Ikigero cyo hasi | Nta bihari | ikigero cyo hasi |
| Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta | | | ikigero kiringaniye |
| Imiryango ishingiye ku myemerere | | | ikigero cyo hasi |
| Fondasiyo | | | ikigero kiringaniye |

Hashingiwe ku mbonerahamwe ya 13 imiryango nyarwanda itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere ikeneye gukaza ingamba zo guhangana n'ibyaha by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba.

## 1.3.3. Igenzura ryihariye ku miryango ishingiye ku myemerere

Ku bufatanye n'izindi nzego, RGB yakoze ubugenzuzi bwihariye mu miryango ishingiye ku myemerere (insengero n'imisigiti) harebwa iyubahirizwa ry'amategeko n'ibijyanye n'imiyoborere. Igenzura ryagaragaje ibibazo bikurikira: inyigisho z'ubuyobe; ubushukanyi bugamije kwambura abantu ibyabo; kudakorera mu mucyo, uburiganya n'imicungire mibi y'umutungo; amakimbirane ashingiye ku buyobozi, inyubako zitubahirije ibiteganywa n'amategeko.

## Ibyemezo byafashwe nyuma y'igenzura

### Imbonerahamwe ya 14: ibyemezo byafashwe

| Nº | UMURYANGO | IMITERERE Y'IKIBAZO | ICYEMEZO CYAFASHWE |
|---|---|---|---|
| 1 | Ebenezer Rwanda | Amakimbirane ahoraho, imiyoborere mibi, kunyereza umutungo no kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 2 | Miracle pool church-Ikarabiro (MPC-I) | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 3 | Agape Blessing Community Church | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 4 | Communaute des Eglises Chretiennes en Afrique (CECA) | Amakimbirane ahoraho no kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 5 | Eglise Evangelique De la Parole Vivante au Rwanda | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 6 | Siloam Family Holy Church in Rwanda | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 7 | Zeraphat Holy Church | Kubangamira amahoro n'umutekano bya rubanda, ituze n'ubuzima byabo, umuco mbonezabupfura, imyitwarire myiza hamwe n'ubwigenge n'uburenganzirashingiro by'abandi | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 8 | Calvary Independent Baptist Missions of Rwanda | Gutiza icyangombwa cy'ubuzimagatozi umuryango utanditse | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 9 | Rwanda Victory Mission | Amakimbirane ahoraho no kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 10 | Pentecostal Out-Reach Church | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 11 | Bloomsburg Christian Church in Rwanda | Gutiza icyangombwa cy'ubuzimagatozi umuryango utanditse | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 12 | Itorero umuriro wa pantekoti mu Rwanda | Imiyoborere mibi no kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 13 | Showers of blessing church | Amakimbirane ahoraho no kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 14 | Charismatic Episcopal Church of Rwanda | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 15 | Eglise Chretienne en Afrique | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 16 | International Pentecostal Holiness Church | Amakimbirane ahoraho | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 17 | Eglise Evangelique Des Freres en Christ | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |

| Nº | UMURYANGO | IMITERERE Y'IKIBAZO | ICYEMEZO CYAFASHWE |
|---|---|---|---|
| 18 | International Missionary Society- Seventh Day Adventist Church Reform Movement | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 19 | Eglise De l'heure Prophetique Du Septieme Jour | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 20 | Communaute Methodiste Unie Internationale | Amakimbirane ahoraho no kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |
| 21 | Grace Room | Kutubahiriza amategeko | Umuryango wambuwe ubuzimagatozi |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 14, imiryango 21 yambuwe ubuzimagatozi bitewe n'impamvu zitandukanye. Ku rundi ruhande inyubako z'insengero n'imisigiti 13.770 byaragenzuwe hanyuma 9.171 muri zo zirafungwa kubera kutubahiriza ibiteganywa n'amategeko.

## 1.3.4. Uruhare rw'Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta

RGB yakiriye kandi isesengura raporo z'imiryango mpuzamahanga nk'uko biteganywa n'itegeko. Iri sesengura ryagaragaje ko iyo miryango yakoze ibikorwa mu byiciro bitandukanye byatwaye ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika 204.888.377 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 15: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mpuzamahanga itari iya Leta

| Nº | ICYICIRO | UMUBARE W'IMIRYANGO | INGENGO Y'IMARI/ USD |
|---|---|---|---|
| 1 | Ubuhinzi n'ubworozi | 19 | 19.414.923 |
| 2 | Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere | 10 | 8.713.456 |
| 3 | Guteza imbere urwego rw'abikorera no kongerera urubyiruko ubushobozi | 11 | 4.325.618 |
| 4 | Guteza imbere umwuga w'ubwikorezi bw'ibicuruzwa | 1 | 144.557 |
| 5 | Imiyoborere myiza no kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi | 10 | 15.744.669 |
| 6 | Ubukungu n'imiyoborere/Imicungire y'imari ya Leta | 5 | 10.850.604 |
| 7 | Ubutabera, ubumwe n'ubwiyunge, amategeko n'umutekano | 5 | 3.123.405 |
| 8 | Imikino, imyidagaduro n'umuco | 2 | 358.544 |
| 9 | Uburezi | 45 | 62.852.755 |
| 10 | Ubuzima | 26 | 42.338.001 |
| 11 | Imibereho myiza | 39 | 87.077.000 |
| 12 | Amazi, isuku n'isukura | 4 | 9.138.672 |
| **Igiteranyo** | | **177** | **204.888.377** |

Aho byavuye: RGB CSO Monitoring Report 2024-2025

Imbonerahamwe iri hejuru iragaragaza ko icyiciro cy'imibereho myiza, ubuzima n'uburezi byihariye 93,8% by'ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mpuzamahanga itari iya leta.

## 1.3.5. Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

RGB yagiranye ibiganiro n'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere mu rwego rwo kunoza imikorere n'imikoranire no kongera uruhare rwayo mu iterambere ry'igihugu.

### Ibiganiro n'abahagarariye amadini n'amatorero

Ibiganiro n'abahagarariye amadini n'amatorero byibanze ku ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'amabwiriza no kunoza imikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere. By'umwihariko, ibiganiro byibanze ku kurwanya ibibazo bigaragara mu miyoborere no mu nyubako zikoreshwa n'iyi miryango mu bikorwa byo gusenga.

### Ibiganiro n'abahagarariye imiryango mpuzamahanga n'imiryango nyarwanda itari iya leta

RGB yagiranye ibiganiro n'ihuriro ry'imiryango mpuzamahanga itari iya leta ndetse n'impuzamiryango y'imiryango nyarwanda y'urubyiruko -"Rwanda Youth Organization Forum. Ibiganiro n'iyi miryango byibanze ku gusobanura ibikubiye mu Itegeko No. 058/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga imiryango itari iya leta cyane cyane impinduka zabaye muri iri tegeko. Ibi byabaye n'umwanya wo gusaba iyi miryango guhuza ibikorwa byabo n'iri tegeko kugirango igihe giteganywa kizarangire nabyo byarubahirijwe ndetse no gushyiraho ingamba zo kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga imitwe y'iterabwoba n'iby'ubucuruzi bw'intwaro ntoya.

## 1.3.6. Gushyigikira imitwe ya politiki no kuyongerera ubushobozi

Hashingiwe ku itegeko ngenga n°10/2013 ryo ku wa 12/3/2013 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki mu ngingo yaryo ya 23 nk'uko ryavuguruwe muri 2018, RGB yateye inkunga imitwe ya politiki uko ari 11 mu rwego rwo kuyifasha mu bikorwa byayo bya buri munsi. Inkunga yose yatanzwe ingana n'amafaranga y' u Rwanda 55.000.000 aho buri mutwe wa politiki wahawe 5.000.000.

Ikindi cyakozwe ni uko imitwe ya politiki yabonye nibura amajwi 5% mu matora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko bahawe inkunga y'amafaranga nk'uko biteganywa n'amategeko aho iyo mitwe ya politiki yose yahawe amafaranga y'u Rwanda angana na 300.000.000

### 1.3.7. Kongerera ubushobozi Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda itari iya Leta (Rwanda Civil Society Platform)

Mu rwego rwo gushyigikira imikorere y'Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda itari iya Leta, RGB yatanze amafaranga y' u Rwanda 57.518.025 yo kurifasha mu bikorwa byaryo. Ibi bigamije gufasha iri huriro kongera imbaraga mu bikorwa byaryo byo kubakira ubushobozi imiryango irigize ndetse no guhuza ibikorwa byayo.




# 1.4. Gukurikirana, kubaka ubushobozi no guhuza ibikorwaby'itangazamakuru

Muri iki cyiciro, hari hateganyijwe kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru; guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa; gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru; gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere ry'itangazamakuru; ndetse n'ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru.

## 1.4.1. GUKURIKIRANA IVUGURURWA RYA POLITIKI Y'ITANGAZAMAKURU KUGIRA NGO IJYANE N'IGIHE

RGB ishingiye ku bitekerezo byatanzwe n'izindi nzego bigamije kunoza umushinga w'ivugururwa rya politiki, yakoze ubugororangingo bw'uwo mushinga hanyuma iwushyikiriza inzego zibifitiye ububasha kugirango iyo politiki yemezwe.



## 1.4.2. Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru

Ibikorwa byo kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru bigizwe n'inkunga y'amafaranga yahawe amashyirahamwe y'abanyamakuru ndetse n'amahugurwa yahawe abanyamakuru.

## 1.4.3. Inkunga y'amafaranga yahawe amashyirahamwe y'abanyamakuru

RGB ku bufatanye na UNDP yateye inkunga amashyirahamwe y'abanyamakuru abiri n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura mu buryo bukurikira:

Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ) ryahawe amafaranga y' u Rwanda 111.675.000 yo gushyigikira ibikorwa byaryo. Iyo nkunga kandi yatumye ARJ ifasha ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru kubona aho bakorera haboneye ndetse n'ibikoresho nka mudasobwa na murandasi (internet).

RGB kandi yateye inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 35.648.435 Ishyirahamwe ry'abagore bakora umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda (ARFEM). Iyi nkunga yakoreshejwe mu kubaka ubushobozi bw'iri shyirahamwe, mu gukora inyandiko ziyobora iri shyirahamwe mu mikorere yaryo no guhugura abanyamuryango.

Urwego rw'abanyamakuru bigenzura (RMC) rwahawe amafaranga y' u Rwanda 95.375.000 yo kurufasha kuzuza inshingano zarwo. Byumwihariko iyo nkunga yatumye RMC ishobora gukora ibikorwa bikurikira:

- Gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame y'umwuga w'itangazamakuru, aho yakiriye ikanakemura ibirego 34 byiganjemo ibirebana n'abanyamakuru barezwe gutandukira amahame y'umwuga. Bimwe muri ibyo birego birimo gusebanya, gutangaza amakuru y'ibinyoma, inkuru zirimo gukabya, gukoresha amafoto atari yo, n'ibindi. Muri ibyo birego, 32 byakemuwe binyuze mu bwumvikane naho 2 bikemurwa hifashishijwe izindi nzego.

- Gusesengura inkuru n'ibiganiro by'ibitangazamakuru umunani. Muri iryo sesengura hagaragayemo amakosa 116 ajyanye no gutandukira amahame y'umwuga, hanatangwa inama kuri ibyo bitangazamakuru.

- Gusesengura uko ibitangazamakuru icumi byatoranijwe byakurikiranye ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repuburika y'u Rwanda n'ay'Abadepite hagamijwe kureba ko byubahirije amahame y'umwuga. Iri sesengura kandi ryanasuzumye uko Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA) rwubahirije ihame ryo guha umwanya ungana abakandida n'imitwe ya politike risanga byarubahirijwe.

- Gusesengura inkuru n'ibiganiro bya siporo hagamijwe kureba ko ibitangazamakuru byakoze kinyamwuga. Hagaragayemo amakosa atandukanye arimo kubogama, gutanga amakuru y'ibinyoma n'inkuru zikabya.

- Hatanzwe amakarita y'umwuga ku banyamakuru 398 harimo abagore 120 n'abagabo 278.

Mu rwego rwo gushyigikira koperative y'abanyamakuru (Media Development Cooperative-MEDECO), RGB ku bufatanye na UNDP yatanze inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 43.925.000.


### 1.4.4. Guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru babaye indashyikirwa

Mu rwego rwo guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru, RGB yafashije Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ), ku bufatanye n'urwego rw'abanyamakuru bigenzura (RMC) ndetse n'ishyirahamwe ry'abagore bakora umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda (ARFEM) gutegura igikorwa cyo gutanga ibihembo. Ibyo bihembo bizwi ku izina rya Development Journalism Awards (DJA) bitangwa buri mwaka ku wa 07 Ugushyingo bihabwa abanyamakuru bahize abandi mu gukora kinyamwuga.

Muri uyu mwaka aya marushanwa yitabiriwe n'abanyamakuru 121 (abagore 34 n'abagabo 79). Muri rusange hatanzwe ibihembo 31 bifite agaciro ka miliyoni 38,570,000 z'amafaranga y'u Rwanda.



Ifoto y'urwibutso mu muhango wo gutanga ibihembo ku banyamakuru batsinze muri DJA, Kigali ku wa 7 Ugushyingo 2024




Dr. Doris Uwicyeza Picard, Umukuru wa RGB, n'umuyobozi w'Umuryango w'Abibumbye ishami ry'u Rwanda batanga igihembo ku munyamakuru w'umwaka Oswald Mutuyeyezu ukorera Radio10 na TV10.




Umukuru wa RGB n'Umuyobozi Uhagarariye Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda bashyikiriza inkunga koperative y'abanyamakuru.

**IKI GIKORWA CYANAGIZWEMO URUHARE N'ABANDI BAFATANYABIKORWA BAKURIKIRA:**

UNDP, MINALOC, NCDA, RBC, FCDO (Through LAF) ,ARFEM , RBA, Water Aid, Embassy of the Kingdom of the Netherlands (EKN), MINAGRI, Plan International Rwanda, Legal Aid Forum, RIB, WASAC, CANAL+, RNCU, RALGA, MINICT, MEDECO

## 1.4.5. Gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru

Ishingiye ku nshingano ihabwa n'itegeko yo guteza imbere urwego rw'itangazamakuru no kujya inama ku mikorere yarwo, RGB yakoze igenzura ry'uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru. Muri uyu mwaka iri genzura ryibanze ku buryo abanyamakuru bubahiriza ingingo y'itegeko ibasaba kugira ikarita y'umwuga (Press card). Mu bigo 255 byandikiwe, 61 (24%) nibyo byonyine byatanze amakuru yasabwe. Mu banyamakuru 656 bakora muri ibi bigo 61, 146 (22%) nibo bari bafite ikarita y'umwuga igifite agaciro, 219 (33%)bakora bafite amakarita yatakaje agaciro naho 291 (45%) ni abatarigeze batunga amakarita.

Muri uyu mwaka, RGB yanagenzuye uburyo inzego za Leta zubahiriza ingingo y'itegeko izisaba kugena umukozi ushinzwe gutanga amakuru (Information Officer) aho mu nzego 52 zasabwe amakuru, 24 (46%) ni zo zasubije zinagaragaza ko zashyizeho abo bakozi.

Ubugenzuzi bwagaragaje ko hari ibigomba kunozwa haba mu buryo ibitangazamakuru byubahiriza Itegeko rigenga itangazamakuru ndetse n'uburyo inzego zubahiriza Itegeko ryerekeye gutanga amakuru.

### 1.4.6. Gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere ry'itangazamakuru

RGB yateguye inatanga ibiganiro bitandukanye n'abafatanyabikorwa mu itangazamakuru. Ibi biganiro byitabiriwe n'abahagarariye inzego za Leta zifite itangazamakuru mu nshingano zazo, amashyirahamwe y'abanyamakuru, abanditsi bakuru b'ibitangazamakuru ndetse n'abafatanyabikorwa mu iterambere. Ibi biganiro byari bigamije kungurana ibitekerezo no kurebera hamwe aho iterambere ry'itangazamakuru rigeze, imbogamizi zigaragaramo hanafatwa ingamba zo kubikemura. Ibi biganiro byabaye mu bihe bitandukanye byitabiriwe n'abantu 123.



Abitabiriye ibiganiro ku iterambere ry'itangazamakuru byabereye i Kigali ku wa 30 Mata, 2025

Hakozwe kandi igikorwa cyo gusura amashuri yigisha Itangazamakuru mu Rwanda ndetse na bimwe mu bitangazamakuru. Iki gikorwa cyari kigamije ahanini kureba niba amasomo abanyeshuri biga umwuga w'Itangazamakuru bahabwa ajyanye n'isoko ry'umurimo.




Abahagarariye RGB basuye Ishuri rikuru Gatolika ry'i Kabgayi (ICK) tariki 3 Kamena 2025

Ibyavuye muri ibi biganiro no gusura amashuri y'Itangazamakuru ni ibi bikurikira:

- Gufasha abafatanyabikorwa mu itangazamakuru gushyiraho igenamigambi ry'imyaka 5 ry'ibikorwa byo guteza imbere itangazamakuru binyuze mu rubuga rwihariye ruhuza inzego n'abafatanyabikorwa bafite ibikorwa byo guteza imbere itangazamakuru "Media Development Technical Working Group";

- Gushyiraho urubuga rw'abanditsi bakuru bazajya baganiriramo ibibazo bibangamiye ubunyamwuga n'iterambere by'itangamakuru mu rwego rwo kwishakamo ibisubizo no guteza imbere itangazamakuru ry'umwuga ;

- Gusangira amakuru y'ibyavuye mu bushakashatsi ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru mu Rwanda no kuganira ku ngamba zo gukemura ibibazo byagaragajwe n'ubushakashatsi;

- Gutanga inama ku mashuri yigisha itangazamakuru kugirango ayo mashuri yigishe amasomo ajyanye n'ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo;

- Abahagarariye amashuri yigisha itangazamakuru n'abayobozi b'ibitangazamakuru batanze ikifuzo ko hashyirwaho ikigo gifasha abanyeshuri barangije kwiga itangazamakuru kwimenyereza umwuga mbere y'uko batangira akazi. Iki kigo kandi cyazajya gihugura abanyamakuru bakora umwuga w'Itangazamakuru batararyize mu rwego rwo guteza imbere Itangazamakuru ry'umwuga.

## 1.4.7. Gutegura Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru

RGB n'abafatanyabikorwa bayo mu itangazamakuru bizihije Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru mu birori byabereye i Kigali ku wa 7 Ugushyingo 2024. Ibiganiro byitabiriwe n'abantu barenga 200 barimo abahagarariye inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, n'urwego rw'abikorera.

Mu kwizihiza uyu munsi kandi hanabaye ibiganiro byibanze ku ngaruka imbuga nkoranyambaga zigira ku itangazamakuru mu bihe tugezemo.

Abatanze ibiganiro n'ababikurikiye bemeranyijwe ko imbuga nkoranyambaga zazanye ibyiza birimo gufasha abantu kubona amakuru byihuse, kwisanzura mu bitekerezo, n'ibindi. Nubwo bimeze bityo ariko, bagaragaje ko hari abazikoresha nabi bagatangaza inkuru zitagenzuwe, bagakora ibyaha birimo gukwirakwiza ibihuha, imvugo z'urwango ndetse n'iterabwoba.

Muri ibyo biganiro, hatanzwe ibyifuzonama ko abakoresha imbuga nkoranyambaga bajya bagenzura ko amakuru atangazwa afitiye akamaro rubanda mbere yo kuyakwirakwiza.

Muri ibyo birori kandi RGB yatangaje ibyavuye mu bushakashatsi ku iterambere ry'itangazamakuru (Rwanda Media Barometer 2024).

## 1.4.8. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru

Mu mwaka wa 2024-2025 RGB ifatanyije n'Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru bo mu Rwanda yakoze ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru. Ubwo bukangurambaga bwakorewe mu turere twa Nyarugenge, Gicumbi, Huye, Rubavu na Ngoma.

Bimwe mu byavuye muri ubu bukangurambaga ni ibi bikurikira:

- Inzego z'ibanze zasobanukiwe uburyo bwo gutanga amakuru afitiye igihugu akamaro no kunoza imikoranire n'itangazamakuru;
- Itangazamukuru ryakanguriwe gukomeza kugagaraza uruhare rwaryo mu iterambere ry'igihugu, rigatangaza amakuru y'ukuri kandi rigafatanya n'inzego z'ibanze mu kwegera abaturage.
- Abaturage bakanguriwe kumenya gusesengura amakuru atangazwa bagahitamo ay'ukuri yabafasha kugera ku iterambere ryabo.
- Abayobozi, abakozi, abanyamakuru n'abaturage basobanuriwe uruhare rwa buri wese mu gushyira mu bikorwa itegeko ryo kubona amakuru.

Muri rusange, ibiganiro byatanzwe byose byagarutse ku kamaro k'amakuru atangiwe igihe kandi yizewe, kugira ngo amahame y'imiyoborere myiza n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa bigerweho.

## 1.4.9. Amahugurwa ku banyamakuru

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB yakurikiranye ibikorwa bijyanye no kongerera ubushobozi abanyamakuru byakozwe n'abafatanyabikorwa batandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 17: Amahugurwa yahawe abanyamakuru

| N° | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| | Kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru mu bijyanye no kwigira (Media Financial Sustainability) | Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ) | 34 | 26 | 60 |
| | Guha abanyamakuru Ubumenyi bwo gukora inkuru kuri ibi bikurikira:<br>► Guteza imbere urubyiruko<br>► Guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye;<br>► Kurengera umwana<br>► Kugeza amazi meza ku baturage ndetse no guteza imbere isuku n'isukura. | | 58 | 39 | 97 |
| | Amahugurwa ku banyeshuri biga itangazamakuru kuri ibi bikurikira:<br>► Amategeko agenga itangazamakuru mu Rwanda,<br>► Amahame ngengamyitwarire mu mwuga w'Itangazamakuru<br>► Imikoreshereze myiza y'imbuga nkoranyambaga | | 135 | 158 | 293 |
| | Amahugurwa ku banyamakuru kuri ibi bikurikira:<br>► Ubunyamwuga mu gutara no gutangaza inkuru zirebana n'abana mu bihe by'ikoranabuhanga. | | 22 | 37 | 59 |
| | Amahugurwa yihariye mu gutara inkuru zijyanye n'imirire mibi n'igwingira ry'abana | | 11 | 19 | 30 |
| | Amahugurwa yihariye mu gutara inkuru zijyanye na services zo kubona amazi | | 15 | 6 | 21 |
| | Gukora inkuru zicukumbuye | Ishyirahamwe ry'abagore bakora umwuga w'itangazamakuru (ARFEM) | 40 | | 40 |
| | Amahugurwa yihariye ku buryo bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Ihuriro ry'amashyirahamwe y'abagore bakora umwuga w'itangazamakuru | 17 | 25 | 42 |
| | Amahugurwa ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore ku mbuga nkoranyambaga | | 38 | 46 | 84 |
| | Amahugurwa y'abanyamakuru b'abagore ku gukora inkuru zicukumbuye, ubwirinzi no kugenzura ukuri kw'amakuru | | 25 | | 25 |

| Nº | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| | Gukora itangazamakuru ricukumbuye no kongerera ubumenyi abanyamakuru ku mutekano w'ikoranabuhanga no kurinda amakuru | Thomson Foundation na Legal Aid Forum (LAF) | 8 | 12 | 20 |
| | Amahugurwa ku gukora inkuru zitanga ibisubuzo ku bibazo bibangamira ibidukijije mu Rwanda | Ishyirahamwe ry'abanyamakuru bakora inkuru ku bidukikije(REJ) | 8 | 12 | 20 |
| | Gutara no gutangaza inkuru ku bidukikije hakoreshejwe telephone zigendanwa (Mobile journalism). | | 4 | 7 | 11 |
| | Gukora Itangazamakuru ridaheza | | 8 | 12 | 20 |
| **FOJO/MEDIA INSTITUTE** | | | | | |
| | Amahugurwa mu gukora inkuru zicukumbuye mu kurwanya iyezandonke hakoreshejwe ikoranabuhanga. | | 6 | 4 | 10 |
| | Amahugurwa ku bijyanye kubaka amahoro. | | 7 | 22 | 29 |
| | Amahugurwa ku nkuru zicukumbuye no gukora kinyamwuga. | | 11 | 24 | 35 |
| | Amahugurwa y'abanyeshuri ku gutara no gutangaza inkuru hakoreshejwe telephone zigendanwa (Mobile journalism). | | 15 | 26 | 31 |
| | Amahugurwa ku gukora inkuru k'Uburinganire | | 19 | 21 | 40 |
| | Imikoreshereze y'ubwenge buhangano mu itangazamakuru | | 16 | 4 | 11 |
| | Amahugurwa y'abanyeshuri ku gutara no gutangaza inkuru hakorshejwe imbuga nkoranyambaga | | 30 | 18 | 22 |

## 1.4.10. Ibikwiye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru

| IBIKWIYE KWITABWAHO | INZEGO BIREBA |
| --- | --- |
| Kongerera ubushobozi no kuzamura ubunyamwuga mu itangazamakuru | RGB, Amashyirahamwe y'Abanyamakuru, Amashuri yigisha itangazamakuru, Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'itangazamakuru |
| Kuvugurura amategeko n'amahame ngengamyitwarire y'umwuga w'itangazamakuru hagamijwe kuyahuza n'igihe | RGB, RURA, RMC, |
| Guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye no kudaheza cyane cyane abafite ubumuga mu mwuga w'itangazamakuru | RGB, amashyirahamwe y'abanyamakuru, ibitangazamakuru, MIGEPROF, GMO, NCPD |
| Gushyiraho ingamba zo kunoza imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru | RGB, MINUBUMWE, ibitangazamakuru |
| Kunoza imyigishirize mu mashuri y'itangazamakuru hagamijwe kuyihuza n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo | MINEDUC, RGB, amashuri yigisha itangazamakuru, n'ibitangazamakuru |
| Kunoza imfashanyigisho zikoreshwa no korohereza abanyeshuri kwimenyereza gukora uwo mwuga mu bitangazamakuru bitandukanye | RGB, amashuri yigisha itangazamakuru, n'ibitangazamakuru |
| Kongerera ubumenyi abanyamakuru binyuze mu mahugurwa afite ireme kandi ajyanye n'igihe | RGB, MINEDUC, amashyirahamwe y'abanyamakuru, RMC, Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'itangazamakuru |
| Kugenzura ko ibitangazamakuru byubahiriza ibiteganywa n'amategeko y'umurimo | MIFOTRA, RMC, RGB, ibitangazamakuru |
| Kwimakaza imikorere y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry' Itangazamakuru ku buryo burambye (Media Technical Working Group) | RGB, MINALOC, abafatanyabikorwa mu iterambere ry' itangazamakuru |



# 1.5. Ibiganiro ku miyoborere

RGB yagiranye ibiganiro n'abafatanyabikorwa bo mu byiciro binyuranye birimo: Inzego za leta, imiryango itari iya leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'amatsinda aturutse hanze y'u Rwanda. Ibi biganiro byibanze ku miyoborere, imitangire ya serivisi, uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, imikorere n'iterambere by'itangazamakuru ndetse n'imikorere y'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere.

## 1.5.1. Amatsinda aturutse hanze y'u Rwanda RGB yakiriye

Mu mwaka wa 2024-2025, RGB yakiriye amatsinda 21 aturutse mu bihugu bikurikira: Ghana, Zambia, Nigeria, Ubwami bwa Eswatini, Ubwami bwa Lesotho, Benin, Islamic Republic of Pakistan, China, Turkey, Algeria, Uganda, Ubwongereza, Ivory Coast, Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Namibiya.

Ibiganiro RGB yagiranye n'aya matsinda byibanze kuri ibi bikurikira: Uko u Rwanda rwiyubatse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, kurwanya ruswa n'akarengane, imitangire ya serivisi n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, ishusho y'imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Rwanda, imiyoborere y'inzego z'ibanze mu Rwanda, imikorere n'uburyo bwo kwandika no gukurikirana imikorere y'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere n'uburyo nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.

## 1.5.2. Ibiganiro RGB yatanze mu bafatanyabikorwa batandukanye

RGB yatanze ibiganiro ku nzego n'ibyiciro bikurikira: Imiryango nyarwanda itari iya leta, Imiryango mpuzamahanga itari iya leta, amashyirahamwe y'abanyamakuru, Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda, Imiryango Ishingiye ku Myemerere n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere mu ntara n'Umujyi wa Kigali.

Ibi biganiro RGB yatanze byibanze ku ngingo zitandukanye zirimo: Imiyoborere myiza, ibipimo by'imitangire ya serivisi, gutanga serivisi inoze, uruhare rw'ubuyobozi mu gushishikariza abaturage kwikemurira ibibazo, kwimakaza amahoro n'iterambere, kurwanya ruswa n'akarengane no guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

Binyuze mu bitangazamakuru bitandukanye, RGB yatanze ibiganiro byibanze ku ngingo zitandukanye zijyanye n'ibikorwa n'inshingano zayo, ari zo: Kwandika no gukurikirana imikorere y'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere; gukurikirana imitangire ya serivisi; gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza; igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda; iterambere ry'urwego rw'itangazamakuru; ndetse no guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa n'uburenganzira bwo kubona amakuru. Binyuze mu itangazamakuru kandi hatanzwe ibiganiro bisobanura ibikubiye mu mabwiriza ya RGB ajyanye no kuvugurura ndetse no kunoza ibikorwa by'ivugabutumwa mu Rwanda.




# 1.6. Ubuyobozi n'imirimo rusange

Muri iki cyiciro, hari hateganyijwe ibikorwa bitandukanye bigamije kubaka ubushobozi bw'Urwego kugira ngo rubashe gusohoza neza inshingano zarwo. Muri ibyo, harimo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2024-2025 no gutegura iby'umwaka wa 2025-2026, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa bya RGB.

## 1.6.1. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko


Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB yari yateganyije ibikorwa 32 byose byarakozwe birarangira.

Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 2.741.326.684 arimo 2,344,493,725 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 396.832.959 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 97.61%, aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku gipimo cya 97,22% naho iy'umushinga ikoreshwa ku gipimo cya 100%.

**Imbonerahamwe ya 18: Ingengo y'imari yakoreshejwe**

| Aho ingengo y'imari yaturutse | Ingengo y'imari RGB yahawe (Frw) | Ingengo y'imari yakoreshejwe | | Ingengo y'imari itarakoreshejwe | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Umubare (Frw) | Ijanisha | Umubare (Frw) | Ijanisha |
| Deepening Democracy and Accountable Governance (DDAG) project | 396.832.959 | 396.832.959 | 100% | 0 | 0 |
| Ingengo y'imari yatanzwe na Leta | 2.344.493.725 | 2.279.207.765 | 97,22% | 65.285.960 | 2,78% |
| **Igiteranyo rusange** | **2.741.326.684** | **2.676.040.724** | **97.61%** | **65.285.960** | **2,39%** |

### Ishusho ya5: Imikoreshereze y'ingengo y'imari




Ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasoko, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, RGB yari yateganyije gutanga amasoko 25. Amasoko yose yarateganijwe yaratanzwe 100%.

## 1.6.2. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu by'afatanyabikorwa

Mu mwaka wa 2024-2025, ibikorwa byo guteza imbere ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore byibanze mu kwimakaza iri hame binyuze mu bushakashatsi n'amasuzuma bikorwa na RGB ndetse no muri gahunda n'ibikorwa byayo. Ni muri urwo rwego, ihame ry'uburinganire ryitabwaho mu gutoranya abakorerwaho ubushakashatsi n'amasuzuma ndetse no mu isesengura ry'ibyavuyemo.

Ubushakashatsi ku miyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zegereye abaturage (CRC), bwakorewe ku bantu 10,676, muri bo 5843 (54.7%) bari abagore naho 4,833 (45.3%) bari abagabo. Muri CRC 2025, ibirebana n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda biri mu byitaweho. By'umwihariko RGB yakoze isesengura ryihariye ku iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore mu nzego zifata ibyemezo haba mu nzego za leta, iz'abikorera ndetse no mu miryango itari iya leta binyuze mu ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS).

Mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire mu rwego rw'itangazamakuru, ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryitaweho mu gutegura ibihembo ngarukamwaka byagenewe abanyamakuru b'indashyikirwa kuko harimo ibihembo byahawe abakoze inkuru ziteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Harimo kandi igihembo cyihariye cyahawe umunyamakuru w'umugore wahize abandi.

## 1.6.3. Ubugenzuzi bw'imari ya Leta y'umwaka wa 2023-2024

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yakoze ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'ingengo y'imari RGB yahawe mu mwaka wa 2023-2024. Ibyavuye muri ubu bugenzuzi byerekana ko RGB yabonye raporo ntamakemwa (unqualified audit opinion) ku mikoreshereze y'ingengo y'imari itangwa na Leta n'iy'imishinga, haba mu mitegurire ya raporo z'imari (financial statements audit), iyubahirizwa ry'amategeko (compliance audit) ndetse no kudasesagura umutungo wa Leta (value for money audit). Iyi raporo igaragaza kandi ko RGB yashyize mu bikorwa ku gipimo cy'ijana ku ijana (100%) inama yari yagiriwe mu bugenzuzi bwa 2022-2023.

## 1.6.4. Kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo

Mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa gahunda y'imyaka 5 yo kubaka ubushobozi bw'Urwego, abakozi ba RGB bitabiriye amahugurwa atandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

### Imbonerahamwe ya 19: Amahugurwa yahawe abakozi ba RGB

| N° | AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE |
|---|---|---|
| 1. | Imiyoborere mu nzego za Leta (Public Administration Management) | 2 |
| 2. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu micungire y'abakozi | 2 |
| 3. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu gutegura no gusuzuma imihigo y'abakozi | 2 |
| 4. | Uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gucunga ibikoresho | 4 |
| 5. | Amahugurwa ku mikorere iganisha ku musaruro ujyanye n'icyerekezo cy'u Rwanda (National Induction Program) | 13 |
| 6. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu gutegura igenamigambi | 2 |
| 7. | Itegeko rigenga ibimenyetso n'uruhare rw'abahuguwe mu gukusanya ibimenyetso bikoreshwa mu manza. | 1 |
| 8. | Umutekano w'ibikorwa by'ikoranabuhanga /Networks and cyber security | 1 |
| 9. | Amategeko mpuzamahanga yo kurengera uburenganzira bwa muntu | 1 |
| 10. | Amahugurwa ku gukemura amakimbirane hifashishijwe inzira y'ubuhuza | 1 |
| 11. | Amahugurwa ajyanye no gutegura raporo zoherezwa ku miryango ishinzwe amasezerano mpuzamahanga n'uburyo bwo gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo. | 1 |

## 1.6.5. Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi

Ku bufatanye bw'abahagarariye imiryango itari iya leta n'abakozi ba RGB hateguwe igikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Abitabiriye iki gikorwa basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi, banahabwa ikiganiro kigaragaza uruhare ubuyobozi bwariho bwagize mu kubiba amacakubiri n'ingengabitekerezo mu banyarwanda aribyo byabaye imbarutso ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Banatanze kandi inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 10.500.000 yo gufasha mu bikorwa byo kubungabunga Urwibutso rwa Kigali no gufasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 binyuze mu muryango wa Ibuka.







2

# Igice cya Kabiri:

## Gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2025-2026

## 2. Gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2025-2026

Mu mwaka wa 2025-2026, RGB yateganyije ibikorwa 21 bikubiye mu byiciro bikurikira:

### 2.1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo

1. Gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda cya 13 (RGS 13);
2. Gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2026);
3. Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda no kugaragaza ibikwiye kwitabwaho bikubiye muri ibyo byegeranyo;
4. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi;
5. Gukora ubushakashatsi ku musaruro watanzwe na gahunda y'ubwisungane mu kwivuza.

### 2.2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza no guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF)

1. Gukora isesengura ryimbitse ku mitangire ya serivisi mu bigo 50 ;
2. Kumenyekanisha ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026.

### 2.3. Imiryango itari iya leta, ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki

1. Kwandika imiryango mpuzamahanga itari iya leta, imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki yujuje ibyangombwa bisabwa;
2. Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko mu miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki;
3. Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere ku mikoranire n'iyubahirizwa ry'amategeko;
4. Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki;
5. Kongerera ubushobozi imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere.

### 2.4. Gukurikirana, kubaka ubushobozi no guhuza ibikorwa by'itangazamakuru

1. Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru;
2. Guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa ;
3. Gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru
4. Gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere by'itangazamakuru;

## 2.5. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'Urwego

1. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2025-2026;
2. Gutegura gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire (strategic plan 2025-2029);
3. Gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya 2026-2027;
4. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB;
5. Gutegura raporo ya RGB y'ibikorwa by'umwaka wa 2025-2026.

## 2.6. Ingengo y'imari ya RGB ya 2025-2026

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026, RGB iteganya gukoresha ingengo y'imari ingana n'amafaranga y' u Rwanda 2.399.705.005 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 20: Ingengo y'imari ya RGB 2025-2026**

| No | Ingengo y'imari ya RGB ya 2025/2026 | |
|---|---|---|
| **I** | **Ingengo y'Imari itangwa na Leta** | **2.178.856.119** |
| 1 | Ubuyobozi n'imirimo rusange | 1.866.761.436 |
| 2 | Ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere Nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo | 124,837,847 |
| 4 | Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza na JADF | 10.418.992 |
| 5 | Guteza imbere Imitwe ya politiki, imiryango itari iya Leta n'sihingiye ku myemerere | 173.837.844 |
| 6 | Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru | 3,000,000 |
| **II** | **Umushinga** | **220.848.886** |
| 1 | DDAG Project (July-Dec 2025) | 220.848.886 |
| | **IGITERANYO** | **2.399.705.005** |



3

# Igice cya Gatatu:

## Imigereka

## IMIGEREKA

1. Rwanda Governance Scorecard 12th Edition
2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2025)
3. Service delivery assessment in 50 public institutions



RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA

# 2024-2025

GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA

# 2025-2026